# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-50 TARIKI 3 - 9 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw







AMAKURU
U Rwanda n'u Burundi bari impanga, Abarundi bahitamo kwihuza na RDC-Perezida Kagame

5

AMAKURU
U Rwanda rwakiriye inzobere 300 zo kurufasha guhangana n'indwara zibasira ubwonko

8

AMAKURU
Leta yikomye abakoresha amafaranga y'u Rwanda nk'imitako

12 - 13

MU NTARA
Gucanira umuhanda Nyagatare- Gasinga-Kagitumba byongereye umutekano

17


# Intandaro y'uburezi bw'u Rwanda yo kuba umusingi w'iterambere

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Mu myaka 32 ishize, uburezi mu Rwanda bwagaragaje impinduka mu buryo bufatika, ku buryo kubona umuntu warangije amashuri yisumbuye cyangwa kaminuza bitakiri igitangaza mu byaro no mu mijyi, ndetse umubare munini w'Abanyarwanda ukaba ukomeje gutanga umusanzu ushingiye ku bumenyi mu ruhando mpuzamahanga.***

Mu gihe u Rwanda rwatangiye kubaka uburezi ruherereye ku busa nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuri ubu haragaragara umusaruro ushimishije udashingiye ku magambo gusa ahubwo ugaragara no mu bifatika.

Kimwe mu bigaragaza impinduka ihambaye yabaye mu

KOMEZA KU RUP.3

# Perezida Kagame yijeje kubaza inshingano abayobozi batazubahiriza



**Perezida Paul Kagame yavuze ko abayobozi batubahiriza inshingano bagomba kubibazwa**

**KAYITARE Jean Paul**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ku bayobozi batubahiriza inshingano mu gihe baba bahawe ibyangombwa byose bityo ko utazubahirije agomba kubibazwa byaba ngombwa akabyishyura.***

Umukuru w'Igihugu yabigarutseho ubwo yatangizaga Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ku nshuro ya 20, ku wa Kane tariki 05 Gashyantare 2026.

Ni inama ihurije hamwe ibyiciro by'Abanyarwanda batandukanye barimo inzego nkuru z'igihugu, Inzego z'umutekano, urubyiruko, Abanyarwanda batuye mu mahanga, bateraniye muri Kigali Convention Center.

Umukuru w'Igihugu avuga ko Abanyarwanda badakwiye kubaho nk'abihebye kugera aho bumva ko politiki mbi ntacyo ibatwaye nkuko byigeze kubaho imyaka myinshi.

Yagaragaje ko hari abashaka agaciro ndetse n'aho bashaka kwigeza kandi ko ibyo bifite icyo bisaba Abanyarwanda ndetse bikaba byasaba na bamwe kudasinzira.

Ati: "Abaturarwanda baba baduhanze amaso nk'abayobozi. Ibyo dukora byose baba badutezeho byinshi, bitari ukuramuka gusa cyangwa ntawe ufite icyizere ko ariburamuke. [...] kuramuka bikaba ngombwa kandi bigahoraho."

KOMEZA KU RUP.3

SOMA IMVAHO NSHYA, IGUHE AMAKURU AGEZWEHO BURI MUNSI

# U Rwanda rwongeye guhagararirwa muri 'UAE SWAT Challenge'

NTAWITONDA Jean Claude

***Abahagarariye u Rwanda baturutse muri Polisi y'u Rwanda (RNP) no mu Ngabo z'u Rwanda (RDF) bitabiriye amarushanwa y'abashinzwe umutekano bihariye mu bikorwa byo guhangana n'iterabwoba hifashishijwe intwaro na tekiniki, ari kubera i Dubai muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE SWAT Challenge) muri uyu mwaka wa 2026.***

Imikino y'izo ntoranywa mu gukoresha intwaro na tekiniki bidasanzwe yatangiye ku wa Gatandatu tariki ya 7 Gashyantare 2026, aho u Rwanda ruhagarariwe n'amakipe atatu mu makipe 109 yitabiriye aturutse mu bice bitandukanye by'Isi.

Ku munsi wa mbere, amakipe abiri ya Kazakhstan ni yo yayoboye n'amanota 109 ndetse na 108 mu gihe ikipe yo mu Burisiya yabaye iya gatatu n'amanota 107.

Kuri uwo munsi ikipe ya Polisi (RNP SWAT Team I) yabaye iya 12 n'amanota 99 mu gihe RNP SWAT Team II yabaye iya 23 n'amanota 88. Ikipe yoherejwe na RDF ku nshuro ya mbere (Rwanda Defense Force SOF Team) yabaye iya 33 n'amanota 78.

Ku munsi wa kabiri na bwo amakipe yahagarariye u Rwanda yakomeje kwitwara neza, amarushanwa akaba akomeje kugeza ku wa Gatatu tariki ya 11 Gashyantare. RNP SWAT Team I yaje ku mwanya wa gatandatu mu bijyanye no gukoresha ubuhanga na tekiniki.




Abashinzwe umutekano bitabiriye amarushanwa yihariye mu bikorwa byo guhangana n'iterabwoba hifashishijwe intwaro na tekiniki

Ubwo yakiraga aya makipe ku wa Gatandatu, Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe z'Abarabu (UAE) John Mirenge, yifurije ishya n'ihirwe abahagarariye u Rwanda muri aya marushanwa ngarukamwaka, abashishikariza gukoresha ubushobozi bwabo bwose mu gihe cyose cy'amarushanwa.

Kugeza uyu munsi u Rwanda rwitabiriye amarushanwa atandatu muri arindwi yabaye guhera mu mwaka wa 2019. Mu 2025, ikipe ya mbere ya Polisi (RNP SWAT Team I) yasoje amarushanwa iri ku mwanya wa 11 n'amanota 407 mu gihe RNP Team II yaje ku mwanya wa 18 n'amanota 357.

Aya marushanwa ategurwa na Polisi ya Dubai abonwa nk'amahirwe yo kugaragaza ubushobozi bw'inzego z'umutekano z'ibihugu mu ruhando mpuzamahanga.

Mu byo barushanwamo harimo ubuhanga mu gutegura ibikorwa, kumashana intego no gukorera hamwe, ababaye indashyikirwa bakaba bashimirwa ndetse bakaba n'intangarugero ku bandi.

Ni amarushanwa akorwa mu byiciro bitanu bigamije kugaragaza ukwihangana n'umurava by'abitabiriye ayo marushanwa kandi bikagaragaza isura y'ubudashyikirwa bw'Igihugu bahagarariye mu bikorwa bya Polisi.

Nanone kandi ayo marushanwa afatwa nk'amahirwe yo guhuza impuguke mu gucunga umutekano ku Isi, bagasangira ingamba, ubunararibonye ndetse n'ubumenyi cyangwa ibikoresho by'ikoranabuhanga bigezweho mu gucunga umutekano.

Aya marushanwa yatangiye mu mwaka wa 2019, akomoka ku yandi mpuzamahanga yatangiye mu mwaka wa 2004 yiswe 'Original SWAT World Challenge' akaba abera ahitwa Little Rock muri Leta ya Arkansas ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika.

Intego nyamukuru y'aya marushanwa ni ukorohereza ibihugu guhererekanya ubumenyi n'ibitekerezo bigamije kunoza imicungire y'umutekano ndetse no kwimakaza ihererekanywa ry'ubumenyi bwo ku rwego rwo hejuru, gukoresha imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri mu buryo bw'umwuga.

# FPR Inkotanyi na Israel baganiriye ku byagirira akamaro abaturage

KAYITARE Jean Paul

***Umuryango FPR Inkotanyi watangaje ko Umunyamabanga Mukuru wayo, Amb. Christophe Bazivamo yakiriye mu biro bye, Ambasaderi wa Israel mu Rwanda, Einat Weiss.***

Ubutumwa bwashyizwe ku rubuga rwa X rw'Umuryango FPR Inkotanyi, bugira buti: "Abayobozi bombi baganiriye ku bifitiye inyungu ibihugu byombi n'abaturage babyo muri rusange."

U Rwanda na Israel bifitanye umubano mwiza n'ubufatanye mu nzego zirimo ubuhinzi, ikoranabuhanga n'izindi.

Ibihugu byombi kandi bisanzwe bifatanya mu bijyanye n'umutekano, amahugurwa y'inzego zishinzwe umutekano, hamwe no gusangira ubunararibonye mu kurwanya iterabwoba.

Mu burezi, Abanyarwanda bamwe babona amahirwe yo kwiga no guhugurirwa muri Israel. Hari kandi imishinga ifasha mu rwego rw'ubuzima n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu buvuzi.

Mu bijyanye n'ubucuruzi, umubano uragenda urushaho kwaguka, kuko ibigo byo muri Israel bikomeje gushora imari mu Rwanda, cyane cyane mu ikoranabuhanga, ubuhinzi n'ingufu.




FPR Inkotanyi na Israel bagiranye ibiganiro bigamije inyungu z'abaturage babyo





# Perezida Kagame yijeje kubaza inshingano abayobozi batazubahiriza

IBIKURIKIRA URUP.1

Perezida Kagame yavuze ko igikwiye kuva mu mateka y'Umushyikirano n'amateka y'Igihugu, ari ukuvanamo igikwiye gukorwa.

Agira ati: "Harimo no gufata inshingano cyane cyane ku bayobozi kugira ngo ibyo dukora, ibyo dukwiye kuba tugeza ku bo tuyobora, igihe nikigera tube twabibazwa.

Wahawe amikoro ameze atya mu nyungu z'Abanyarwanda bose, amikoro wayakoresheje ute? wayagize ayawe gusa cyangwa wayakoresheje mu buryo atagera ku bo yari agenewe? Ibyo nta kubica ku ruhande, ugomba kubazwa ibyo ushinzwe ndetse byaba ngombwa ukabyishyura."

Akomeza agira ati: "Bibaho kenshi ndetse bamwe mu babikoze bakagira amahirwe ntibamenyekane ariko aho byamenyekanye umuntu akabibazwa.

Ibi ndabivugira ko hari ibintu byinshi twashoboye gukemura bituma tudatera intambwe ndende."

Perezida Kagame yavuze ku mishinga idindira kandi abaturage bakayihomberamo ndetse imwe ikadindira kubera kudafatanya no gukurikirana kw'inzego.

Yatanze urugero rw'aho mu bijyanye n'imishinga usanga yarateguwe ariko ntiyuzure kubera ko inzego zitakoranye kugira ngo hategurwe uwo mushinga.

Agira ati: "Niba n'umushinga watangiye, ukwiye gukurikiranwa ukareba ko ugenda. Ugasanga umushinga warahagaze cyangwa niba ugenda gahoro ntawe ubizi, ibyo ni ibintu tumaranye imyaka myinshi.

Ni intambwe yatewe ikaba ari intambwe ntoya cyane cyangwa n'iyatewe ikaba iy'umunsi umwe.

Ndabibibutsa kandi ndabibasaba mugomba gushaka uko birangira."

Yanavuze kandi ko hari ubwo umushinga utangira ugomba gukorwa mu myaka ibiri, ukazamara imyaka itatu, ine ugikorwa ariko abantu bagakomeza nk'aho nta kintu bitwaye. Ati: "Ibyo rwose bigomba guhagarara."

Iyo mishinga abayiyobora ni bo bayungukiraho kurusha uko abaturage bayungukiraho.

Akomeza agira ati: "Kubazwa inshingano si ugusubiza icyo ushaka. Muri za Minisiteri mufite uruhare rwo gukurikirana ibintu bigenda biguru ntege."

# Intandaro y'uburezi bw'u Rwanda yo kuba umusingi w'iterambere

IBIKURIKIRA URUP.1

burezi bw'u Rwanda ni uko abanyeshuri biga amashuri yisumbuye bikubye inshuro 21, bakaba baravuye ku 37 000 mu 1994 ukagera kuri 787 000 mu 2026 nk'uko bishimangirwa na Minisiteri y'Uburezi (MINEDUC).

Amashuri y'inshuke na yo yavuye hafi ku busa, none uyu munsi hari abana basaga 680 000 biga mu mashuri y'inshuke mu gihe abiga kaminuza na bo bavuye ku 2 000 bakagera ku 9 000.

Urumva rero y'uko abana b'Abanyarwanda bategurwa mbere y'uko bajya mu ishuri nyirizina, bikaba amahirwe kugira ngo bige bashobore gutsinda.

Iyo mibare na yo ni umusaruro w'imbaraga zashyizwe mu burezi bwu Rwanda kuko hashyizwe imbaraga mu kongera kubaka amashuri n'ibikorwa remezo mu kuziba icyuho cy'amashuri menshi yari yarasenyutse.

Ahandi hashyizwe imbaraga ni mu kurushaho kongera umubare w'abarimu ndetse no gukomeza kubahugura ngo ubumenyi bwabo burusheho kujyana n'ubukenewe ku isoko ry'umurimo. Kubongera na byo byajyanye n'uko abarimu



Ikoranabuhanga riri mu bikomeje gushyirwamio imbaraga mu burezi bw'u Rwanda

benshi bari barishwe abandi barahunze Igihugu kubera amateka yijimye u Rwanda rwanyuzemo.

Hashyizweho gahunda zitandukanye zigamije ko abana bose bagira amahirwe yo kwiga, harimo kwigisha ku buntu mu mashuri abanza no korohereza kwinjira mu mashuri yisumbuye, ndetse bikajyana na gahunda y'uburezi kuri bose n'izindi zashyiriweho kugabanya icyuho cy'ubusumbane mu burezi.

Mu mpera z'iki cyumweru, Minisitiri w'Uburezi Joseph Nsengimana, yavuze ko uburezi bw'u Rwanda bwavuye ku butaka ubu bukaba bugeze ahashimishije, agashimira n'Abanyarwanda bitabiriye kuzana abana mu mashuri.

Nubwo ashimira ababyeyi ariko abibutsa ko urugendo rugikomeje kuko u Rwanda rutaragera aho rwifuza kugera, ati: "Ariko ntabwo turagera aho twifuza kugera. Kugira ngo tugere aho twifuza kugera tugomba gufatanya twese nk'Abanyarwanda. Ndahera ku Banyarwanda; uburezi buhera ku burere. Ababyeyi rero turabashishikariza ko bita ku bana babo kuva bakiri batoya."

### Ishusho y'Uburezi mu Rwanda mu myaka 32 ishize

Muri iyi myaka, abazi gusoma no kwandika mu Rwanda bariyongereye, bava kuri 56,7% babarurwaga mu 1992 bagera kuri 83,1% batangajwe mu ibarura rya 2024.

Muri iyi myaka kandi Leta yashyizeho gahunda y'uburezi bw'ibanze bw'imyaka 9 na 12 (9YBE na 12YBE) kugira ngo buri mwana agire amahirwe yo kwiga, bikunganirana n'andi mashuri yisumbuye yarushijeho kwagurwa.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Guverinoma y'u Rwanda yashyize imbere politiki y'ubumwe n'ubwiyunge, harimo no kongera kubaka uburezi, abakobwa bahawe amahirwe angana n'abahungu, bikuraho imbogamizi z'umuco zababuzaga kwiga.

Mu birebana n'ikoranabuhanga, hashyizweho gahunda zo gukoresha mudasobwa mu mashuri binyuze muri gahunda ya Mudasobwa imwe ku Mwana (One Laptop per Child) n'iy'Icyumba cy'Ikoranabuhanga (Smart Classrooms).

Binyuze muri gahunda zitandukanye kandi, hashyizweho ibigo bikora ubugenzuzi bw'amashuri n'ireme ry'uburezi, uburyo bwo kwita ku bana bafite ubumuga n'abaturuka mu miryango ikennye na gahunda z'uburezi bufatanyamo n'imiryango itari iya Leta.

Mu myaka 32 ishize, u Rwanda rwashoye cyane mu burezi kugeza n'ubwo rwatangiye gukura abarimu b'inzobere mu mahanga kugira ngo baze gushyigikira ab'u Rwanda mu kurushaho kwihutisha iterambere ryabwo.

# U Rwanda rwiteguye kwakira neza Inama ya 66 ya ICCA



**U Rwanda rufite ibikorwa remezo biruhesha amahirwe yo kwakira inama mpuzamahanga**

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yiteguye kwakirana ubwuzu Inama ya 66 y'Ihuriro Mpuzamahanga ryita ku itegurwa ry'Inama (International Congress and Convention Association - ICCA), itegerejwe guteranira i Kigali mu Rwanda hagati y'itariki ya 24 kugeza ku ya 27 Ukwakira 2027.***

Iyo nama ibonwa nk'amateka yanditswe ku mugabane wa Afurika ni bwo izaba ibereye ku mugabane wa Afurika nyuma y'imyaka 20 ishize, cyane ko iheruka kubera kuri uyu mugabane mu 2004 ubwo yateraniraga i Cape Town muri Afurika y'Epfo.

Ni inama ihuriza hamwe abahagarariye ibihugu byabo ku mugabane wa Afurika, abakuriye inzego zitandukanye zitegura inama n'ibikorwa bihuza abantu benshi ku rwego mpuzamahanga aho bazibanda ku gushaka ingamba zarushaho guteza imbere urwegp rw'Inama n'ibindi bikorwa, kubaka ubushobozi no kwagura uruhare rwa Afurika mu kwimakaza inama n'ibikorwa mpuzamahanga.

Ni inama yitezwe guteranira i Kigali nk'Umujyi wa Afurika ukomeje kwihuta mu iterambere ryo kwakira Inama n'Ibikorwa Mpuzamahanga, aho n'ibikorwa remezo bifasha mu kubakirana urugwiro kandi kinyamwuga bikomeza kwiyongera.

Janet Karemera, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Ubukerarugendo Bushingiye ku Nama (RCB), yashimangiye ko ari iby'agaciro ku Rwanda kuba rwaragiriwe icyizere cyo kwakira iyo nama ya ICCA mu mwaka utaha.

Ati: "Ni iby'agaciro gakomeye ku Rwanda kwakira Inama ya ICCA kandi duhaye ikaze umuryango mugari w'iri huriro uzagaruka muri Afurika ku nshuro ya mbere mu myaka 20 ishize."

Inama yaherukaga kubera ku Mugabane wa Afurika ni iyo mu mwaka wa 2004 yabereye i Cape Town ku nshuro ya 43, ari na yo yari ibaye iya mbere izanwe ku mugabane wa Afurika.

U Rwanda rubaye Igihugu cya kabiri cyakiriye iyo nama mu nshuro 66 zishize iteranira mu bice bitandukanye ku Isi, impuguke mu byo kwakira Inama n'ibindi bikorwa zikaba zishimangira ko bigaragaza imbaraga u Rwanda rukomeje gushyira mu kwimakaza ubunyamwuga na serivisi zizira amakemwa mu kwakira abantu.

Madamu Karemera yakomeje agira ati: "Aya mahirwe y'amateka ashimangira iterambere ry'Umugabane n'ubuyobozi mu ruhando rwo kwakira Inama n'Ibikorwa Mpuzamahanga (MICE). Ibyo bishoboka binyuze mu nkunga y'abafatanyabikorwa n'abagenerwabikorwa, haba mu Gihugu no mu Karere, kwakira iyi nama ikaba ari intambwe y'ingirakamaro yo kugaragaza ubunararibonye no kwerekana ubushobozi bw'u Rwanda n'imbaraga z'imikoranire ihamye y'abafatanyabikorwa mu Karere."

Senthil Gopinath, Umuyobozi Mukuru wa ICCA, yavuze ko inama itegerejwe i Kigali izaba umuhuza n'Umugabane wa Afurika n'amahirwe yo kuvumbura ibyerekezo bishya ku mugabane wa Afurika ari na ko abafatanyabikorwa barushaho kuganira uburyo bwo kwagura amahirwe ya Afurika mu ruhando mpuzamahanga.

Yagize ati: "Icyerekezo cya Kigali kigaragaza ukwiyemeza, guhanga udushya ndetse no kwiyemeza kuba indakemwa mu kwakira inama n'ibindi bikorwa mpuzamahanga. Dushimishijwe cyane n'urugendo ruri imbere, kandi buri nama itanga amahirwe yihariye yo guhuza umuryango mugari wacu bagasangira ibitekerezo ari na ko barushaho gutegura ahazaza h'urwego rwacu."

Uretse Kigali yatoranyijwe mu mwaka utaha, biteganyijwe ko mu mwaka wa 2028 na bwo iyo nama izateranira i Muscat muri Oman guhera tariki ya 12 kugeza ku ya 15 Ugushyingo 2028.

ICCA ni Umuryango Mpuzamahanga uzwiho gukurikirana, gupima, no gushyira ku rutonde imijyi n'ibihugu bitandukanye bitewe n'ubushobozi bwabyo mu kwakira Inama n'Ibikorwa Mpuzamahanga (Meetings, Incentives, Conferences, and Exhibitions - MICE).

U Rwanda n'Umujyi wa Kigali by'umwihariko byagiye biza ku isonga mu kwakira inama muri Afurika, hashingiwe ku manota y'uyu muryango, aho washyize u Rwanda ku mwanya wa kabiri muri Afurika nk'ahantu heza habereye kwakira inama mpuzamahanga zikomeye, inyuma ya Cape Town muri Afurika y'Epfo.

Iri shimwa rishingiye ku bikorwa remezo u Rwanda rwubatse nka Kigali Convention Centre, Kigali Conference and Exhibition Village (Camp Kigali), na Intare Conference Arena, ndetse no koroshya serivisi z'ikoranabuhanga n'ubwiherero, hakaba harimo kubakwa n'ibindi bikorwa remezo birushaho kuzamura u Rwanda mu ruhando mpuzamahanga.

Inama zitegurwa ku bufatanye n'uyu muryango zinjiza amadovize menshi mu Rwanda, aho uru rwego rwazamuye ubukungu n'ubwiyongere bwa hoteli.

U Rwanda rushimwa kandi nk'ahantu hatekanye, rukaba rufite ikoranabuhanga ryihuta n'uburyo bworoshye bwo kubona visa ku kibuga cy'indege, ibyo bituma ICCA ikomeza kurushyira ku mwanya mwiza.

Umujyi wa Kigali by'umwihariko ukomeje kwigaranzura imijyi ikomeye muri Afurika mu kwakira ibyicaro mpuzamahanga n'inama zikomeye ku Isi, ibyo bikaba bituma u Rwanda rurushaho kuba icyerekezo cy'ubukerarugendo bushingiye ku nama.





# U Rwanda n'u Burundi bari impanga, Abarundi bahitamo kwihuza na RDC-Perezida Kagame

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagaragaje ko ubusanzwe Abarundi n'Abanyarwanda bari nk'impanga ariko ubu bahisemo kwifatanya na Guverinoma ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo mu kwimakaza imvugo z'urwango no gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside ishingiye ku rwango byibasira u Rwanda.***



**Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagaragaje ko hambere Abarundi n'Abanyarwanda bari impanga none Abarundi bahisemo kuba impanga na RDC**

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 5 Mutarama 2026, ubwo yatangiza Inama ya 20 y'Umushyikirano yahuje abayobozi batandukanye mu nzego nkuru n'iz'ibanze mu Gihugu.

Umukuru w'Igihugu yagaragaje ko buri Munyarwanda akwiye kwemera ko ibikorwa bitandukanye biteza imbere Abaturarwanda bitashoboka Umunyarwanda atamenye aho ava n'aho ajya.

Yagarutse ku bibazo by'Akarere u Rwanda rumazemo iminsi, akomoza ku baturanyi u Burundi, yemeze ko aho hambere bafatanyaga muri byose bameze nk'impanga none bahisemo gufatanya n'Abanyekongo mu kwimakaza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Ati: "Muzi ibibazo dufitanye n'abanyekongo ndetse n'Abaturage mu Burundi. Ubundi u Rwanda n'u Burundi bari impanga ariko Abarundi bo bahisemo, ngo ntabwo dushaka kuba impanga namwe ahubwo turashaka kuba impanga n'Abanyekongo."

Yunzemo ati: "Ibyo nta kibazo mfitanye na byo, niba umuntu ahisemo uwo avukana na we cyangwa abana na we impanga, ariko uko kuba impanga kurimo politiki yo kwiyanga no kwanga abandi ibyo bakabihuriraho. Ibi ntabwo ari ibanga kuko barabyivugira abayobozi b'ibyo bihugu."

Umukuru w'Igihugu yongeye kwamagana amahanga yegeka ibibazo bya RDC ku Rwanda ari yo abiteza.

Yagize ati: "Iyi ntambara yo muri Congo ntabwo yatangijwe n'u Rwanda, yaturutse ahandi, mubisuzume muramenya ukuri kwabyo, aho handi sinirirwa nongera kuhasubiramo."

Yavuze ko ikibazo u Rwanda rufite muri RDC kijyanye n'Interahamwe zasize zikoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, zifatanya na Leta ya RDC gukwirakwiza politiki y'urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside aho abayifite bahora bahigira Abanyarwanda ko bazagaruka bakongera kuyikora mu Rwanda.

Yakomeje avuga ko usanga Umuryango mpuzamahanga wegeka ibyo bibazo ku Rwanda.

Ati: "Bikaba ko turi muri Congo, gushaka amabuye y'agaciro ko ari cyo gituma dufitanye ibibazo na Congo. Bikaba ko u Rwanda ari rutoya, dushaka kugira uko turwagura. Bakanyura iruhande rw'ikibazo kimwe bazi cy'interahamwe ziri muri Congo, zaratujwe zirigishwa, bagirwa ingabo za Congo."

Yakomeje agira ati: "Loni ijya gushyira ingabo muri Congo, mwibwira ko bazishyizeyo kugira ngo bigende bite? Iyo uvuga Loni rero cyangwa Umuryango Mpuzamahanga ntabwo umuntu yumva icyo uvuga. Hari igihe biba bivuga buri wese cyangwa se ikaba ntayiriho."

Perezida Kagame yavuze ko inshuro nyinshi yahuye n'abayobozi batandukanye b'ibihugu barimo aba Ambasaderi, Abaminisitiri n'abandi baganira ku kibazo cya Congo, we akababaza niba bazi umubare w'abagize Interahamwe na FDLR bari muri RDC.

Ati: "Bati abeNshi muri bo barashaje, ariko nubwo baba bashaje bivuze ko bariyo. Kuba bamaze imyaka isaga 80, bakaba bafite abana bakomeje gushyira mu mitwe, ingengabiterezo yabo, ubu bari mu bikorwa by'ubugizi bwa nabi, bararwana muri FDLR. Ni gute imyaka 80 yafatwa nkaho nta kintu imaze."

Yavuze ko abo bayobozi mu bihugu by'amahanga na we bamubaza umubare w'abarwanyi ba DFLR niba awuzi.

Ati: "Igisubizo cyoroshye kuri njyewe rimwe na rimwe ndababwira, nti mubaze ziriya ngabo za Loni mwohereje hariya, mwazohereje kugira ngo zikemure ikibazo, bagomba kubabwira uko bangana n'icyo bakorayo".

Umukuru w'Igihugu yakomeje kubasubiza ati: "Mu gihe cy'imvugo z'urwango zihora zigaragazwa ni gute ushobora kubara ababikora. Niba Perezida w'Igihugu cya RDC, n'abo bafatanya kuyobora mu nzego zitandukanye, bajya mu ruhame bakamamaza Jenoside, ko bazatera u Rwanda n'ibindi bijyanye n'ingengabiterezo ya Jenoside. Ni gute ibyo wabasha kubibara mu buryo bw'imibare".

Perezida Kagame yakomeje avuga ko n'ubwo bamamaza imvugo z'u Rwanda baba ari bake, baba babwira amamiliyoni y'ab'ababa bazikurikiye kandi bamwe muri bo barashowe muri ibyo bikorwa bibi.

Ati: "Ibyo bikegekwa ku Rwanda, nkuko ruhanganye na byo muri iki gihe".

Yongeyeho ati: "Twishoboye mu gukora iki? Kwicara, tukabakurikira, ese ni byo tubona mu bihugu byanyu. Ndatekereza ko ntari umuntu ukomeye bihagije. [...] hari ubwo mbakenera, ariko abo bantu mu muryango mpuzamahanga, baduha inkunga ariko bakongera bakaduteza n'ibindi bibazo.

Perezida Kagame yashimangiye ko ibyo Abanyarwanda batazabyemera na gato.

Ati: "Ntukwiye kunteza ibibazo, warangiza ukaza kungaya, hanyuma ugatangira kuntera ubwoba. Perezida Tshisekedi aragenda agahohotera abantu abandi bakabatera ubwoba, ariko abo bantu bakaza bakambwira ngo ugomba kugira icyo ukora. Nkababaza nti ariko mwigeze mureba, ko uriya muntu adafite ubushake bwo gukemura ibibazo bye. Ikibazo bafite kiri hagati yabo bagomba kucyikemurirayo."

Yakomeje avuga ko Umuryango Mpuzamahanga ukomeje kurebera Guverinoma ya RDC, ikomeza kuroga abana. "Namwe nimusubize amaso inyuma murebe nta muntu n'umwe wamagana abateje iki kibazo kandi banagikomeje."

Yavuze ko uwo ari we wese ushaka gukururira u Rwanda ibibazo rutazamusaba kurugirira impuhwe, kandi hari abantu bakomeje gutegera amaboko abo bantu bakandamiza, ariko ku Rwanda ho ntibishoboka na gato.

Yakomeje avuga ko kugira ngo ibibazo bya RDC bikemuke hakwiye gukorwa ibikorwa bitandukanye byo kubikemura biherewe mu mizi.

# Ambasade z'u Rwanda ziyongeyeho 30 mu myaka 23




Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Olivier Nduhungirehe

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yatangaje ko kuva Inama y'Igihugu y'Umushyikirano yatangira mu 2003 yafashjije u Rwanda kwagura umubano n'Amahanga aho za Ambasade zarwo zavuye kuri 20 zigera kuri 50 mu myaka 23 ishize.***

Yabigarutseho ku wa Gatanu tariki ya 6 Gashyantare 2026, mu kiganiro yahaye abitabiriye Inama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 20, cyagarukaga ku buryo u Rwanda ruhagaze mu ruhando mpuzamahanga muri iki gihe.

Amb Nduhungirehe yashimangiye ko u Rwanda ruhagaze neza mu ruhando mpuzamahanga kandi rukaba umufatanyabikorwa wizewe kandi wubahwa n'amahanga kubera ibikorwa rwagaragaje bitanga umusaruro.

Yavuze ko kuva Umushyikirano watangira mu 2003 u Rwanda rwaguye amarembo, aho icyo gihe rwari rufite Ambasade 20 none ubu zimaze kugera muri 50 ndetse n'amahanga afungura izindi mu Rwanda.

Ati: "N'ambasade z'amahanga [zibarizwa mu Rwanda] zariyongereye kuko muri 2003 twari dufite 16 gusa, ubu zimaze kuba 47."

Yakomeje avuga ko n'Imiryango Mpuzamahanga yamaze gushyira icyicaro mu Rwanda, igera kuri 22.

Uwo muyobozi yavuze ko u Rwanda rukomeje gushyira imbaraga mu guteza imbere imiryango mpuzamahanga rurimo, irimo uw'Ibihugu bikoresha Icyongereza (Commonwealth) ndetse n'uw'ibikoresha Igifaransa ku Isi (Francophie), aho ubu uwo uyoborwa n'Umunyarwandakazi Mushikiwabo Louise kandi u Rwanda ruherutse kongera ku mutangaho umukandida mu matora y'Umunyamabanga Mukuru azaba muri uyu mwaka wa 2026.

Amb. Nduhungirehe yasabye Abanyarwanda kuzamushyigikira bose kugira ngo azongere atorerwe manda ya Gatatu.

Yakomeje agira ati: "Tugira n'uruhare mu kubaka Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), na Perezida wa Repubulika, akaba yarasabwe kuyobora akanama ko kuwuvugurura."

Minisitiri Amb. Nduhungirehe yashimangiye ko umubano w'u Rwanda n'amahanga wifashe neza kandi ruzakomeza kuwushimangira no kuwuteza imbere.

Muri Nzeri 2025, Minisitiri w'Ingabo Juvenal Marizamunda, yatangaje ko kuva u Rwanda rwakohereza ingabo i Darfur mu 2004, rumaze kohereza ingabo zirenga ibihumbi 80 mu butumwa bwa Loni bwo kugarura amahoro mu bice bitandukanye by'Isi.

Yavuze ko ibyo byatumye ubu u Rwanda rubarwa nk'igihugu cya kabiri ku Isi mu gutanga abasirikare n'abapolisi benshi mu butumwa bwa Loni, rukaba urwa mbere muri Afurika.

Ni mu gihe kandi Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Ibihugu bikoresha Ururimi rw'Igifaransa (OIF) Louise Mushikiwabo, yatangaje ko mu myaka amaze ayobora uyu muryango, hashyizweho gahunda zigamije gufasha urubyiruko kubona akazi, iterambere ry'abagore no kwigisha Igifaransa mu bihugu bitandukanye kandi byose bigenda neza.



U Rwanda rwateye inkunga y'ibiribwa n'imiti igihugu cya Mozambique

# Guverinoma y'u Rwanda yohereje Mozambique toni 20 z'ibiribwa n'imiti

KAYITARE Jean Paul

***Guverinoma y'u Rwanda yatangaje ko yohereje igihugu cya Mozambique toni 20 zirimo ibiribwa, imiti n'ibindi bikoresho by'ingoboka.***

Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane ku wa Kabiri, yatangaje ko ibyo u Rwanda rwohereje bizagoboka abaturage bavanywe mu byabo n'imyuzure.

Yagize iti: "Guverinoma y'u Rwanda yohereje Mozambique toni 20 zirimo ibiribwa, imiti n'ibindi bikoresho byo kugoboka iki gihugu cyibasiwe n'imyuzure yahitanye abaturage, ituma abandi bava mu byabo."

Si ubwa mbere u Rwanda rutanze inkunga y'imiti kuko umwaka ushize 2025, binyuze ku bwami bwa Jordania, rwohereje abanya Gaza inkunga ingana na toni 40 y'ibiribwa n'imiti igenewe gufasha abaturage ba Gaza bafite ibibazo byo kubona imiti n'ibiribwa byo kubaramira muri iki gihe kibakomereye.

Umubano w'u Rwanda na Mozambique watangiye mu 1990, wongererwa imbaraga mu 2018 ubwo ibihugu byombi byashyiragaho Komisiyo ihuriweho yo guteza imbere ubufatanye.

Kuva muri Nyakanga 2021, inzego z'umutekano z'u Rwanda n'iza Mozambique zifatanya mu kurwanya ibikorwa by'iterabwoba mu ntara ya Cabo Delgado yari yarahungabanyijwe bikomeye n'umutwe wa Ansar al Sunnah.

Kuva inzego z'umutekano zatangira gukorera muri Cabo Delgado, zirukanye ibyihebe, zibikura mu birindiro bihoraho byari byarashinze mu turere dutandukanye, bihungira mu mashyamba na ho zirabihasanga, zirabitsinsura.

Nyuma yo gutsinsura ibi byihebe, abaturage bari barahunze basubiye mu ngo zabo, ibikorwa remezo birimo umuriro w'amashanyarazi birongera birakora.





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Ubajijwe inshingano aba ahawe amahirwe*

Mu muryango nyarwanda no mu yindi miryango ya kera, abayobozi barimo abatware, abakuru b'imiryango, babazwaga inshingano z'ibyo bashinzwe, abatazujuje bagahwiturwa cyangwa bagasimbuzwa, ariko biragoye kubona uwishimira ko yahaniwe kutuzuza ibyo ashinzwe.

Gusa twagiye tubona ko hari abakurwa mu nshingano bagashimira ko bahawe umwanya wo gutanga imbaraga zabo hakaba ubwo banasabye amahirwe yo kongera guhabwa umwanya wo kugaragaza ko bikosoye.

Ibyo byose bituruka ku muco wo kubazwa inshingano kuko bifite ibyiza byinshi yaba ku muntu ku giti cye cyangwa ku bagerwaho n'umusaruro w'inshingano ashinzwe.

Ubwo Perezida Kagame yakomozaga ku kubaza abayobozi inshingano mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano yabaye ku nshuro ya 20 mu cyumweru gishize, ni nk'aho yibutsaga buri wese kongera kwisuzuma mbere y'uko umunzani rusange ushyirirwaho kubashungura.

Kubazwa inshingano bituma umuntu akora neza kandi agashyira umutima ku byo ashinzwe nk'imwe mu mpamvu ya mbere mu zituma bifatwa nk'amahirwe aho kuba ikibazo. Iyo uzi ko uzabazwa ibyo wakoze, bituma ukora witonze, ugaharanira ubuziranenge n'umusaruro mwiza.

Bituma kandi haba ubunyangamugayo n'ukuri, bikagabanya ruswa, uburangare n'imikorere mibi, kuko buri wese aba azi ko ibikorwa bye bizasuzumwa.

Bituma habaho kwiga no kwikosora kandi bikongera icyizere hagati y'abayobozi n'abayoborwa maze imiyoborere ikarushaho kuba myiza no gutanga umusaruro ufatika.

Ahari imiyoborere myiza, ubutabera n'uburinganire mu nzego zose birushaho kuganza, bityo kugera ku iterambere ntibibe bikiri inzozi zisa n'izigoranye ahubwo hakubakwa iterambere rirambye.

Umuco wo kubazwa inshingano ntukwiye kwimakazwa mu mirimo dukora gusa ahubwo bikwiye kuba umuco uhera no mu miryango kugira ngo abayikuriramo bajye bagera igihe cyo gukorera abandi baha agaciro gakomeye umusanzu bakeneweho wo gukora neza kandi bimakaza ubunyangamugayo.

# Hagire igikorwa Abanyarwanda babyaze amafaranga imbuga nkoranyambaga- Perezida Kagame



Perezida Kagame yasabye ko hongerwa imbaraga mu gushaka uko imbuga nkoranyambaga zitunga Abanyarwanda

ZIGAMA Theoneste

***Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame yagaragaje ko hakwiye kugira igikorwa Abanyarwanda bagahabwa uburenganzira bwo kungukira ku mbuga nkoranyambaga kuko kugeza ubu hari amafaranga batabona kandi mu bindi bihugu bayabona.***

Yabigarutseho ku wa Kane tariki ya 6 Gashyantare 2026, mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ya 20, nyuma y'uko umuhanzi Itahiwacu Bruce uzwi nka Bruce Melodie yagaragaje ko kugeza ubu imbuga nkoranyambaga nyinshi nta kintu zinjiriza Abanyarwanda bazikoresha.

Uwo muhanzi yagaragaje ko kugeza ubu imbuga nkoranyamba ari isoko y'ubukungu ku rubyiruko n'abandi kandi zitanga amafaranga atubutse ariko hakiri imbogamizi z'uko zimwe bidashobokera Abanyarwanda kuzungukiramo.

Yagize ati: "Turasaba ko Leta yadufasha kubyaza umusaruro izi mbuga nkoranyambaga (Monitization) ku bantu bakora ibintu bizima. Imirimo yose ikorerwa ku mbuga nkoranyambaga."

Yunzemo ati: "Ku rubuga rwa Tik Tok abantu barukoreraho amafaranga menshi mu bindi bihugu ariko twebwe Abanyarwanda bikadusaba gutira ubundi bwenegihugu, kugira ngo dukore ku mafaranga akomoka ku mbuga nkoranyambaga."

Yavuze ko icyo kibazo kiramutse gikemuwe byagabanya ubushomeri mu rubyiruko.

Perezida Kagame yabajije Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo igisabwa kugira ngo icyo kibazo gikemuke.

Yagize iti: "Ibyo Bruce amaze kuvuga bisaba iki? Ntabwo nabyumvise neza."

Bruce Melodie yongeye asobanurira Perezida Kagame ati: "Kugira ngo umuntu abone amafaranga ava ku mbuga nkoranyambaga, hari amashusho yo kwamamaza anyuraho, ni yo dukuraho amafaranga, urugero nasohoye indirimbo, sinzi niba mujya mubibona iyo ngiye mu bindi bihugu hari amashusho atambuka yamamaza iyo ukanzeho, aho ni ho hava amafaranga yishyurwa kubera ko yarebwe."

Umuyobozi w'Urwego rw'Abanyamakuru Bigenzura (RMC), akaba n'umunyamakuru ukorera ku mbuga nkoranyambaga Mutesi Scovia, yashimangiye ko icyo kibazo gihari koko kandi kikibangamiye abakoresha imbuga nkoranyambaga.

Yagize ati: "Hari ibiganiro twagiranye na Minisiteri y'Urubyiruko n'iy'Ikoranabuhanga aho twababwiye ko Google ivuga ko hari urugero tutarageraho rwo kwamamaza ari na yo mpamvu tutinjiza amafaranga.

Leta iramutse ibidufashijemo byakunda, kuko ubu dukoresha Google Map nkayobora umuntu aho ntuye, ntamuyoboye ku giti cy'umwembe, babidufashijemo n'ayo matangazo ashobora kuza."

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Inovasiyo (MINICT), Ingabire Paula yavuze ko hari ibisabwa n'inzego zishinzwe kwemerera u Rwanda kubyaza umusaruro imbuga nkoranyambaga ariko bakiri mu nzira yo kubikemura.

Yagize ati: "Ibigo nka Meta, Youtube na Tik Tok byose bishyiraho amategeko n'amabwiriza kugira ngo abakora ibihangano babashe kubibyaza umusaruro."

Yavuze ko mu byo abayobora izo mbuga nkoranyambaga basaba kugira ngo uzikorereho amafaranga birimo kuba ufite amategeko arinda uzikoresha, kurinda amakuru n'imisoro kandi u Rwanda rurabyujuje.

Yakomeje avuga ko kandi harebwa n'ingano y'uburyo abantu bamamaza kuri izo mbuga nkoranyambaga ari na ho u Rwanda rutaragira ubushobozi buhagije.

Ati: "Uko tuzamura uburyo bwo kwamamaza, n'abantu bakora amakuru mu gihugu bagira ijanisha ry'inyungu bashobora kubonaho, ariko turacyari hasi. Bisaba nibura kwinjiza hagati ya miliyoni na miliyoni n'igice y'amadolari y'Amerika buri kwezi".

Yongeyeho ko hasabwa n'uburyo ndetse n'ibikorwa remezo bifasha abangukira muri ibyo bikorwa byo kwamamaza ku mbuga nkoranyambaga kandi u Rwanda rwabigezeho.

Yavuze kandi ko hakomeje ubukangurambaga kugira ngo ingano y'ibyo u Rwanda rwamamaza ku mbuga nkoranyambaga byiyongere bityo rwemererwe kuzibyaza umusaruro.

Perezida Kagame yasabye inzego zibishinzwe kongera ubukangurambaga mu bikorera kugira ngo barusheho kwamamaza ku mbuga nkoranyambaga kugira ngo u Rwanda ruhabwe uburenganzira bwo kuzibyaza umusaruro.

# U Rwanda rwakiriye inzobere 300 zo kurufasha guhangana n'indwara zibasira ubwonko

ZIGAMA Theoneste

***U Rwanda rwakiriye Inama Mpuzamahanga y'abahanga mu buvuzi bw'indwara zibasira ubwonko basaga 300, aho baje kurufasha mu bikorwa bitandukanye byo guhangana n'izo ndwara binyuze mu buvuzi n'uburezi ndetse no gufasha mu kongera ubumenyi mu kuzirinda.***

Iyi nama ibaye ku nshuro ya 4, yiswe Africa MENA Brain Week, yatangiye ku itariki ya 5 igeza tariki ya 8 Gashyantare 2026, yitabiriwe n'inzobere zaturutse mu bihugu 15 byo ku Migabane ya Afurika, Aziya, u Burayi n'Amerika.



Abahanga mu buvuzi bw'indwara zibasira ubwonko basaga 300 bateraniye mu nama mu Rwanda

Abo barimo abaganga b'indwara zo mu mutwe, abavura indwara z'imyakura, ababaga ubwonko, abanyeshuri muri kaminuza z'ubuvuzi, abaforomo, abaganga rusange, ndetse n'abarwayi n'abahagarariye amashyirahamwe y'abarwaye indwara zibasira ubwonko.

Africa MENA Brain Week yatangijwe n'abarimo Prof. Najib Kisani, inzobere mu buvuzi bw'indwara zifata ubwonko akaba n'umwarimu muri kaminuza y'ubuvuzi mu Mujyi wa Marrakech muri Maroc. Yavuze ko iyo nama igamije guhuza imbaraga mu kurwanya indwara zibasira ubwonko.

Yagize ati: "Twabonye ko guhuza inzobere n'abarwayi bifite agaciro gakomeye. Iyo abaganga baganiriye hagati yabo gusa, hari byinshi batamenya ku bibazo n'ibyifuzo by'abarwayi. Uru ruhare rw'abarwayi rutuma tunoza uburyo bitabwaho, tunabafasha kurwanya akato n'ipfunwe."

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kurwanya indwara zo mu mutwe, mu Kigo cy'Igihugu cyita ku buzima (RBC), Dr Darius Gishoma yabwiye itangazamakuru ko u Rwanda rwiteze umusanzu ukomeye kuri abo bahanga mu buvuzi bw'indwara zibasira ubwonko.

Yagize ati: "Harimo abaganga bavura indwara zo mu mutwe, abavura imyakura, n'abaganga babaga ubwonko. Ariko abo bose harimo n'abanyeshuri bafatanya mu kuganira ku ndwara zifata ubwonko."

Muri iyo nama bagaragaje ko hari ibyo abantu bakwiye gukora birinda kwibasirwa n'indwara zifata ku bwonko, harimo kwambara udupfumunwa, iyo ababyeyi batwite bakajya kwa muganga umwana akavuga ari muzima birinda ibibazo abana bajya bagira ku bwonko.

Dr Gishoma yavuze ko kandi abantu bakwiye kwirinda ibiribwa bituma barwara indwara ya Diabete no kwirinda inzoga n'ibiyobyabwenge kuko na byo biri mu bitera indwara zibasira ubwonko.

Yagize ati: "Bifite akamaro kuba u Rwanda rwakira iyi nama twungurana ubumenyi n'ibiganiro mu kongera ubushobozi haba mu gihugu n'ahandi muri Afurika, mu gukumira izi ndwara zibasira ubwonko."

RBC igaragaza ko iyi nama ikomeje gufasha u Rwanda muri gahunda rwihaye yo kongera umubare w'abaganga, aho abo bahanga bazafasha kwigisha abiga ibijyanye no kuvura indwara zifata ubwonko no gushyira hamwe ibijyanye n'ubushakashatsi ku buzima.

Imibare y'abaganga mu Rwanda ikomeje kwiyongera aho ubu abiga kuvura indwara zifata ubwonko ari 42 bitezweho kuziyongera no ku bandi basanzwe bari mu kazi.

Ni mu gihe RBC igaragaza ko ubushakatsi yakoze mu 2025, yasanze Abanyarwanda 18,6% bafite ibibazo byo mu mutwe, bakaba baragabanyutse ugereranyije na 2020 aho bari 20%.

# Rwamagana: Amateka y'urugamba bayavomamo gukunda Igihugu

KAYITARE Jean Paul

***Abaturage bo mu Karere ka Rwamagana mu Murenge wa Rubona mu Ntara y'Iburasirazuba, bavuga ko amateka y'urugamba rwo kubohora igihugu basobanuriwe, bayavomamo indangagaciro yo gukunda Igihugu n'iy'ubutwari.***

Batangaje ibi, nyuma y'aho abarenga 300 bakoreye urugendoshuri mu bice bitandukanye bibitse amateka y'urugamba rwo kubohora igihugu mu Karere ka Nyagatare.

Basuye umupaka wa Kagitumba aharasiwe isasu rya mbere ryo gutangiza urugamba rwo kubohora igihugu tariki ya 01 Ukwakira 1990, nyuma y'uko ingabo za RPA zari zihawe amabwiriza n'uwari umugaba w'ingabo Major General Fred Gisa Rwigema.

Abanyarubona kandi banasuye agasozi ka Nyabwishongezi Major General Rwigema yatabarukiyeho ndetse hasurwa agace ka Gikoba mu Murenge wa Tabagwe ahaherereye ubutaka bwiswe 'Agasantimetero' ari bwo butaka bwa mbere bwafashwe n'ingabo za RPA.

Medard Bashana, Umuyobozi w'Ingoro y'Amateka y'Urugamba rwo guhagarika Jenoside, asobanura ko indaki ya mbere y'Umugaba w'Ikirenga w'ingabo za RPA-Inkotanyi, Major General Paul Kagame, yubatswe mu gihe ingabo za RPA zarimo zisuganya ngo zihindure uburyo bw'imirwanire.

Kanyana Mutoni Nikta, umunyeshuri mu ishuri 'Agahozo Shalom Youth Village, avuga ko nk'umwe mu basuye amateka y'urugamba rwo kubohora igihugu, yahigiye byinshi.

Ati: "Umurava n'ubutwari byaranze ingabo za RPA zabohoye igihugu, binsigiye umukoro wo gutera ikirenge mu cyabo, cyane ko aho igihugu kigeze urubyiruko rufite ibikenewe kandi bihagije ngo dukore iby'ubutwari."

Mutsinzi Théophile avuga ko kwigerera ku isoko y'ahatangiriye urugamba rwo kubohora Igihugu bari byinshi bizamufasha kandi na we agafasha urungano rwe.

Agira ati: "Kwigerera ku mateka y'aho byabereye bizamfasha gushishikariza inshuti n'abaturanyi mu kurushaho kugira uruhare mu gusigasira ibyiza Igihugu kimaze kugeraho."

Chantal Mukashyaka, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rubona, ashimangira ko gusobanukirwa amateka y'urugamba rwo kubohora igihugu bifasha abaturage kurushaho gukunda Igihugu no kubitoza abazabakomokaho.

Uwera Winnie, Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gitegura ubukerarugendo Oldfox, agaragaza ko kumenya amateka y'igihugu by'umwihariko ubutwari bwaranze ababohoye Igihugu bifasha Umunyarwanda wese kugira ishyaka n'umurava mu byo akora kandi adacitse intege arinda neza ibyagezweho.

Urugendoshuri rwakozwe n'abatuye Umurenge wa Rubona muri iki Cyumweru, rwahujwe n'umunsi u Rwanda rwizihizaho umunsi w'Intwari z'u Rwanda wizihizwa tariki ya 01 Gashyantare buri mwaka.

Abasuye umuhora w'urugamba rwo kubohora Igihugu igice cya mbere, barimo abayobozi mu nzego z'ibanze, abarezi, ababyeyi n'urubyiruko rw'abanyeshuri.



Abanyarwamagana basuye ahatangirijwe amateka y'Urugamba rwo kubohora Igihugu biyemeza kwimakaza indangagaciro yo gukunda Igihugu





# Karongi: Uworojwe inkoko ahamya ko kwikura mu bukene bidasaba byinshi



Murekatete Odette ahamya ko kwiteza imbere bidasaba byinshi, ahubwo ari ibitekerezo no kwiha intego

NYIRANEZA Judith

***Umwe mu borojwe amatungo magufi, by'umwihariko inkoko avuga ko kuba umuntu yakwikura mu bukene bidasaba byinshi, ahubwo bisaba guhindura imyumvire, akamenya uruhare rwe by'umwihariko ubumenyi akabwongeraho ubushake.***

Murekatete Odette wo mu Mudugudu wa Gasharu, Akagari ka Gasharu, Umurenge wa Mutuntu, mu Karere ka Karongi ufite imyaka 55, avuga ko kuba yarahawe inkoko 10 n'umushinga PRISM wa MINAGRI, byamufunguye amaso asobanukirwa ko umuntu ahereye kuri bike ashobora kwiteza imbere.

Yavuze ko mbere yari abayeho mu bukene, abona kwihangira imirimo bisa nkaho bitashoboka, ariko ahawe inkoko 10 agasobanurirwa uburyo bwo kuzorora nokwizigama biciye mu matsinda, avuga ko ubuzima bwahindutse.

Yagize ati: "Mbere ya PRISM, nari umukene ukabije utari kubona n'amafaranga y'u Rwanda 20 000, bantoranya mu bo koroza inkoko batishoboye. Babanje ku mpugura ku bworozi bw'inkoko no kwihangira imirimo n'ukuntu umuntu yakwiteza imbere, numva ndabikunze.

Ayo mahugurwa yatumye za nkoko 10 nzikurikirana kuko numvaga zigomba kunteza imbere byanze bikunze, amezi ataragera kuri 4, nahise mvuga nti ubworozi bw'inkoko ni bwiza bigeze no ku baturanyi byaba ari byiza."

Yasobanuye uko ahereye ku nkoko 10, yakomeje kuzamura umubare w'izo yorora.

Ati: "Inkoko 10 norojwe n'umushinga PRISM narazoroye, nditura hanyuma nza kuzigurisha nkuramo 120 000Frw mpita mfata izindi 10 z'udushwi nzishyira mu kiraro, 100 000Frw mpita ntumizamo imishwi 100, ibyo kurya amafaranga yabyo nayakuye mu itsinda kuko n'ubundi badushishikarije kujya mu matsinda, ubwo bampa 80 000 Frw, mpita nkomeza korora, nzigurishije nzikuramo 250 000 Frw, ntumiza inkoko 200, ndazorora mpita nanone mfata inkoko 8 ndazisigarana ubwo ziba zibaye 18 nkuru ariko na ya mishwi nkiri kuyikukurikirana."

Yongeyeho ati: ".... nasigaranye inkoko 18 nkuru ariko na ya mishwi nkiri kiyikurikirana, izo 200 ndagurisha nkuramo 500 000 Frw. Nkomeza ntumiza izindi zirenzeho, ntumiza inkoko 300. [....] napfushijemo 100, ariko sinacika intege nahise mvuga nti ngomba gukomeza ngakora, kuko intumbero numvaga amahugurwa bampaye atagomba kuba imfabusa."

Murekatete yavuze ko afite gahunda yo gukora cyane kugira ngo n'ibyo atakoze akiri muto, ubu akore ku buryo abigeraho.

Ati: "Ibyo ntakoze nkiri muto ngiye kujya mbikora ku buryo nzagera aho ngeze nkarenza naho nari kugera iyo mba narabonye amahugurwa nkiri muto. Ubu ndakora ubu mu kiraro mfite inkoko 18 nkuru n'imishwi 160."

Yavuze ko ubworozi bw'inkoko bugenda bumugirira akamaro kuko bumufasha kwatisha imirima, ariko ko azakomeza kuzongera kugeza nubwo azigurira umurima we bwite.

Ati: "Gahunda mfite y'ejo hazaza ndateganya yuko mu minsi itaha nzaba ngeze ku mishwi 1 000, no kwatisha nzaba nabisezeyeho niguriye umurima wanjye bwite.

Ibindi akesha ubworozi bw'inkoko ni uko yaguzemo ihene kandi n'umusaruro wiyongereye.

Yagize ati: "Mu kwatisha ndahinga nkeza nkabasha kweza ibilo 150 by'ibishyimbo, mu gihe mbere ntashoboraga no kweza ibilo 10, kuko ifumbire y'inkoko itanga umusaruro."

Avuga ko ubworozi bwamufashije kunoza imirire, no kwikura mu bukene, ku buryo ubu atakenera amafaranga ngo ayabure

Imbogamizi yagaragaje ni ibiryo by'amatungo bihenze aho bigura amafaranga y'u Rwanda 810 cyangwa 800 Frw bivuye kuri 750 Frw ku kilo, kandi aba agomba kubitegera kuko bituruka kure i Rubengera.

Murekatete avuga ko afite gahunda yo gukomeza koroza bagenzi be kandi ahamya ko umuntu ufite ubushake, akabona n'abafatanyabikorwa bamuha ubumenyi bifasha mu rugendo rw'iterambere.

Inkoko 10 yatangiriyeho yazihawe n'umushinga PRISM PRISM wagizwemo uruhare na Leta y'u Rwanda ifatanyije n'Ikigega Mpuzamahanga giteza imbere ubuhinzi n'ubworozi (IFAD), binyuze muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) ugashyirwa mu bikorwa n'Ikigo giteza Imbere Ubuhinzi n'Ubworozi mu Rwanda (RAB).



Akuza imishwi agurisha bikamufasha gukomeza kwiteza imbere



Murekatete afite n'inkoko nkuru 18 zitera amagi

# U Rwanda na Brazil bemeranyije ubufatanye mu ishoramari n'ubucuruzi

ZIGAMA Theoneste

***U Rwanda na Brazil byasinyanye amasezerano y'ubufatanye mu ishoramari n'ubucuruzi agamije guteza imbere umubano w'ibihugu byombi no kwihutisha iterambere rishingiye ku bufatanye bw'ubukungu.***



U Rwanda na Brazil byemeranyije gufatanya mu iterambere

Ayo masezerano yashyiriweho umukono i Kigali ku wa Gatatu tariki ya 4 Gashyantare 2026, ku ruhande rw'u Rwanda ahagarariwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB), Jean Guy Afurika, mu gihe ku ruhande rwa Brazil yari ihagarariwe na Perezida w'Ikigo gishinzwe guteza imbere ubucuruzi n'ishoramari muri icyo gihugu (ApexBrasil), Jorge Viana.

Isinywa ry'ayo masezerano ryabereye mu Nama y'Ubufatanye mu Bukungu yahuje abashoramari bagera kuri 65 bo mu Rwanda no muri Brazil, aho bunguranye ibitekerezo ku mahirwe n'imikoranire mu ishoramari hagati y'ibihugu byombi.

Umuyobozi Mukuru wa RDB Jean Guy Afurika yavuze ko ayo masezerano ari intambwe ikomeye mu kubaka urufatiro rukomeye rw'ubufatanye mu guteza imbere ubucuruzi, korohereza ishoramari no gushyigikira ibigo by'ubucuruzi mu kugera ku ntego zabyo no guhanga udushya mu nzego zifite uruhare rukomeye mu iterambere.

Yagize ati: "Aya masezerano yubaka urufatiro rukomeye rw'ubufatanye mu guteza imbere ubucuruzi, korohereza ishoramari no gushyigikira ibigo by'ubucuruzi mu ntego zabyo, by'umwihariko mu nzego zatoranyijwe zifasha mu iterambere."

Yakomeje avuga ko aya masezerano azafasha gushimangira uburyo bwo gushyigikira ibigo by'ubucuruzi by'ibihugu byombi, kwagura amasoko y'ibicuruzwa, gusangira ikoranabuhanga no guteza imbere imikoranire igamije guhanga amasoko mashya.

RDB yatangaje ko kuri ubu ibigo bitandukanye byo muri Brazil birimo gusuzuma amahirwe y'ishoramari mu Rwanda mu nzego zirimo ubuhinzi, gutunganya ifumbire, gutunganya umusaruro w'ibiribwa, ubuzima n'inganda.

Jean Guy Afurika yavuze ko amahirwe menshi ari mu gutunganya umusaruro w'ubuhinzi, cyane cyane mu rwego rwo kwihaza mu biribwa, aho ubunararibonye bwa Brazil mu kugira umusaruro w'ibihingwa mwinshi, bushobora guhuzwa n'ingamba z'u Rwanda zo kongera agaciro k'umusaruro no guteza imbere uruhererekane nyongeragaciro rw'ibiribwa ku rwego rw'Akarere no ku Mugabane wa Afurika.

Yunzemo ati: "Hari kandi amahirwe akomeye mu bijyanye n'ubwikorezi n'ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa mu karere, mu gihe u Rwanda rukomeje kwiyubaka nk'irembo rihuza Afurika y'Iburasirazuba n'iyo Hagati. Byongeye, ingufu zisubira n'ikoranabuhanga rishingiye ku bidukikije ni izindi nzego zifite amahirwe akomeye y'ubufatanye."

Ku ruhande rwa Brazil, Perezida wa ApexBrasil, Jorge Viana, yavuze ko uru ruzinduko ari urw'amateka, kuko ari bwo bwa mbere itsinda rinini ry'abashoramari, abayobozi n'abahagarariye inzego za Leta ya Brazil basuye u Rwanda, mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyifuzo cya Perezida Luiz Inácio Lula da Silva cyo gushimangira umubano wa Brazil n'Afurika.

Yavuze ko itsinda ayoboye ryashimishijwe cyane n'iterambere ry'u Rwanda, umutekano, isuku, imiyoborere myiza rukaba ari ahantu heza ho gushora imari, ashimangira ko u Rwanda ari urugero rw'igihugu cyabashije kwikura mu mateka akomeye nk'aya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kikubaka amahoro n'iterambere rirambye.

Yongeyeho ko n'ubwo ubucuruzi hagati y'u Rwanda na Brazil bukiri ku rwego ruto, ibi bifite isura nziza kuko bigaragaza amahirwe menshi ari imbere, aho ubucuruzi bushobora kwiyongera inshuro nyinshi mu gihe hashyizweho ingamba zifatika.

Jorge Viana yashimangiye ko ApexBrasil igiye kongera imbaraga mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba, anemeza ko u Rwanda rufite amahirwe menshi yo kuba igicumbi cy'ingenzi cy'iyo mikorere, ndetse ko ibiganiro biri kuba bizavamo imishinga n'ishoramari bifatika mu gihe cya vuba.

Ambasaderi wa Brazil mu Rwanda, Irene Vida Gala, wanagize uruhare rukomeye mu kuzana abo bashoramari ba Brazil mu Rwanda, yashimangiye uko ibihugu byombi byongera imikoranire bizakomeza gufasha mu iterambere.

Yagize ati: "Ibi bigo byo mu Rwanda bizafasha APEX gusobanukirwa neza ibyo u Rwanda rukora n'amahirwe ahari. Nk'urugero, itsinda ryo muri Brazil ryavuze ko igitekerezo no kwerekana ibyo u Rwanda byagaragajwe na RDB byari byiza cyane, ku buryo bavuze ko na bo bakwiriye kwigira ku Rwanda uburyo bwo kugaragaza amahirwe y'ishoramari.

Ambasaderi wa Brazil mu Rwanda, Irene Vida Gala akomeje kongera imbaraga mu kunoza umubano wa Brasil n'u Rwanda, aho tariki ya 8 Mutarama 2026, yakiriwe na Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko y'u Rwanda umutwe w'Abadepite Hon. Kazarwa Gerturde, bemeza ubufatanye buhamye mu nzego zitandukanye zirimo umubano mu bya Dipolomasi hagati y'Inteko zishinga Amategeko kurengera ibidukikije, guteza imbere siporo n'ibindi.

Umubano w'u Rwanda na Brazil watangiye mu 1981 ndetse kuva icyo gihe ibihugu byombi byagiye bisinya amasezerano. Nko mu 2019, byasinyanye amasezerano yo gufatanya mu byerekeye ingendo z'indege azwi nka 'Bilateral Air Service Agreement (BASA).'

Mu 2011 na bwo hasinywe andi masezerano y'ubufatanye bugamije kwihaza mu biribwa.

Kugeza ubu Brazil ni cyo gihugu cya mbere ku Isi cyeza ikawa, soya, ibisheke n'amaronji ku bwinshi, ari na yo mpamvu u Rwanda ruteganya gukomeza kungurana na cyo ubunararibonye mu rwego rwo guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi.

Kuva mu 2022, u Rwanda rutumiza ingano muri Brazil nyuma y'aho izo rwatumizaga muri Ukraine zigabanyutse kubera intambara ifitanye n'u Burusiya. Runasanzwe kandi rutumizayo ibirimo isukari.





# Isoko ry'Imari n'Imigabane: Hashyizwe hanze amabwiriza yo kubika inyandiko z'agaciro

UBWANDITSI

***U Rwanda rwasohoye amabwiriza mashya agenga uburyo bwo gutanga uruhushya ku bigo bitanga serivisi zo kubika no guhererekanya inyandiko z'agaciro (Central Securities Depositories- CSDs), mu rwego rwo guteza imbere isoko ry'imari n'imigabane.***



Hari amabwiriza agenga kubika inyandiko z'agaciro ku isoko ry'Imari n'Imigabane

Ayo mabwiriza yasohotse muri Igazeti ya Leta Idasanzwe yo ku wa 16 Mutarama 2026.

Aya mabwiriza agenga gutanga uruhushya ku bakora ibikorwa byo kubika no gucunga inyandiko z'agaciro ndetse no kwemerera abafatanyabikorwa babo, asobanura ibisabwa ku bigo bishinzwe kubika, no guhererekanya inyandiko z'agaciro (securities).

Atanga amategeko asobanutse agamije kunoza imikorere no guteza imbere icyizere mu isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 3, "Nta muntu wemerewe gukora ibikorwa bya Central Securities Depository atabiherewe uruhushya rutangwa n'Urwego rushinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA)."

Iyi ngingo igamije kwemeza ko ari ibigo byemewe n'amategeko gusa bishobora gucunga ibikorwa remezo by'ingenzi mu rwego rw'imari.

Aya mabwiriza azana ibikorwa bya CSD mu murongo w'igenzurwa ku mugaragaro, bikajyana n'intego y'u Rwanda yo kugira isoko ry'imari rinoze kandi rifite umwanya ukomeye mu karere mu bijyanye na serivisi z'imari.

Karekezi Ngabonziza, Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo w'Urwego rw'Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA), yagize ati: "Iyi ntambwe igaragaza ubushake bw'u Rwanda mu gushyiraho isoko ry'imari ryizewe. Ifungura amarembo yo kwagura uruhare rwa benshi kandi ikongerera isoko imbaraga n'ubudahangarwa."

Nk'uko biteganywa mu ngingo ya 21, abahawe uruhushya bagomba gushyiraho uburyo bwo kugenzura imikorere no gucunga ingaruka, hagamijwe kurinda ubunyangamugayo bw'ikorwa ry'inyandiko z'agaciro.

# Izamuka ry'ubukungu rigeze ku 8,9%- Dr. Nsengiyumva

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva Justin yatangaje ko ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse, buva ku kigero cya 8.2% mu 2023 bugera ku kigero cya 8.9%.***

Yabigarutseho mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano iyobowe na Perezida wa Repbulika Paul Kagame muri KCC.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva avuga ko mu ngengo y'imari ya 2024/2025 igihugu cyatangiye gushyira mu bikorwa gahunda ya Kabiri y'Igihugu yo kwihutisha iterambere (NST2) mu rwego rwo gushyira mu bikorwa icyerekezo cya 2050.

Hashize umwaka hashyirwa imbaraga mu bikorwa kugira ngo hagerwe ku ntego y'iyi gahunda hagamijwe kongera ingano y'amafaranga umuturage yinjiza ku mwaka, bakava ku madolari 1 040 mu 2024 bakagera ku madolari 1 370 mu 2029 ari ko hazamurwa imibereho myiza y'umuturage.

Yagize ati: "Guverinoma y'u Rwanda yishimira ko ibipimo by'ubukungu bikomeje kuzamuka ku kigero cyiza, aho mu 2024 izamuka ry'ubukungu ryavuye ku kigero cya 8,2% mu 2023 kigera 8,9%, bisobanuye ko cyarenze 8,3% byari byateganyijwe."

Ni mu gihe kandi ngo mu bihembwe bitatu by'umwaka wa 2025, ubukungu bwakomeje kuzamuka ku mpuzandengo ya 8.7% igizwe n'izamuka rya 6,5% mu gihembwe cya mbere; 7,8% mu gihembwe cya kabiri na 11.8% mu gihembwe cya gatatu.

Minisitiri w'Intebe Dr. Nsengiyumva agaragaza ko izamuka ry'ubukungu ryagizwemo uruhare n'inzego z'ubukungu zitandukanye.

Ati: "Iri zamuka ryagizwemo uruhare n'inzego z'ubukungu zitandukanye zirimo inganda, ubuhinzi ndetse n'urwa serivisi. Mu bihembwe bitatu bya mbere




Minisitiri w'Intebe Dr. Justin Nsengiyumva avuga ko ubukungu bw'u Rwanda bwazamutse bugera ku 8,9%

by'umwaka wa 2025, urwego rw'ubuhinzi rwazamutse ku mpuzandengo ya 7%, ruvuye kuri 5% mu 2024."

Guverinoma yagaragaje ko urwego rw'inganda rwazamutse ku kigero cya 10% mu gihe urwego rwa serivisi rwazamutse ku mpuzandengo ya 9%.

Agira ati: "Ibi biratwereka ko ubukungu bw'Igihugu cyacu bukomeje kuzamuka ku kigero cyiza kandi gitanga icyizere ko intego twihaye tuzayigeraho."

Ukwiyongera k'umusaruro mbumbe mu nzego zitandukanye z'ubukungu, wunganiwe n'ingamba zashyizweho zo kongera amahirwe yo kubona imirimo binagira uruhare mu kugabanya ubushomeri.

Mu mwaka wa 2024 hafashwe imyanzuro 13 y'inama y'Igihugu y'Umushyikirano.

Mu bikorwa 41 byari biteganyijwe, ibikorwa 34 byashyizwe mu bikorwa, mu gihe ibikorwa 7 birimo kugana ku musozo.

# Guhangana n'ubudahangarwa bw'udukoko ku miti ni inshingano ya buri wese

NYIRANEZA Judith

***Buri wese afite inshingano yo guhangana n'ubudahangarwa ku miti mu bworozi, kuko bigira n'ingaruka ku buzima bw'abantu, hitwararikwa ku kubahiriza inama zitangwa n'impuguke mu by'ubworozi.***



Laboratwari zizajya zifasha abavuzi b'amatungo kumenya indwara nyayo itungo rirwaye

Iby'ingenzi bigomba kwitabwaho harimo kwita ku matungo, akagaburirwa neza, akavuzwa neza kandi agahabwa imiti nk'uko bigenwa na Muganga w'amatungo kuko bifasha kurinda ubuzima bw'amatungo n'ubw'abantu.

Umuyobozi w'Ishami rishinzwe kongerera agaciro ibikomoka ku matungo muri RAB Dr Niyonzima Eugene, yasobanuye ubudahangarwa bw'udukoko ku miti.

Ati: "Ubudagangarwa bw'udukoko ku miti ni ikibazo gikomeye turi guhura nacyo haba mu buzima bw'amatungo n'abantu ndetse n'ibidukikije, aho ubukoko butera indwara bwiremamo ubudahangarwa ku miti yari isanzwe ikoreshwa mu kubuvura.

Ubwo budahangarwa bugatuma imiti yakoreshwaga mu kurwanya ibyorezo byaba ibifata amatungo cyangwa abantu itakaza ubushobozi bwo kuvura, bityo ibyorezo bikaba bidashobora kuvaho hakoreshejwe imiti isanzwe."

Yakomeje agaragaza isano yo kuba amatungo yanduza abantu.

Ati: "Ku bantu birashoboka kuko buriya imiti dukoresha ku matungo ni nayo ikoreshwa ku bantu, igihe bahayeho ubudahangarwa bw'imiti ikoreshwa ku matungo no ku bantu ubusanzwe birasa birashoboka.

Ku buzima bw'abantu bugira aho buhurira cyane n'ubw'abantu urugero amata igihe inka ihabwa umuti usanga hari ibisigazwa by'umuti bigaragara mu mata uyanyweye bikaba byagira ibibazo ku muntu."

Agaruka ku kuba habaho uruhererekane rw'ubudahangarwa bw'udukoko hagati y'amatungo n'abantu yagize ati: "Icyiciro kinini gikunze kugaragaramo ubudahangarwa ni udukoko twitwa bagiteri imiti ikoreshwa mu kwica utwo dukoko ni iya antibiyotike.

Iyo iyo miti igizweho ubudahangarwa nutwo dukoko ubusanzwe yabashaga kuvura ntiba igishoboye gukoreshwa ngo ivure iyo ndwara. Utwo dukoko rero dushobora kuba twatera indwara amatungo cyangwa ku bantu."

Dr Nyirimana Carine ushinzwe gukurikirana uruhererekane nyongeragaciro rw'ibikomoka ku matungomuri MINAGRI, yasobanuye impamvu zitera ubudahangrwa bw'udukoko ku miti.

Ati: "Ubudahangarwa bw'udukoko ku miti ahanini biterwa n'ikoreshwa nabi ry'imiti

Ni ukuvuga kuyikoresha mu gihe kitateganyijwe na muganga nkuko yabyanditse urugero ikaba igomba gufatwa mu minsi itatu, igakoreshwa iminsi 2 gusa.

Ahandi ni igihe umuntu akoresheje umuti atawandikiwe na muganga kwa kundi umuntu yivurira. Ikindi ni igihe umuntu akoresha umuti atari wo yakabaye akoresha, utagenewe kuvura iyo ndwara."

Indi mpamvu yagarutseho ni ugukoresha umuti umworozi ntarindire igihe cyateganyijwe nuwakoze imiti, kwa kundi umworozi akama itungo ntarindire ya minsi runaka iba yarateganyijwe ngo ayo mata cyangwa ibikomoka ku matungo abe yabijyana ku isoko, iyo kitubahirijwe ababikoresha bagira ikibazo.

Yagize ati: Iki kibazo ntigikwiye kureberwa mu matungo gusa ni n'ikibazo kireba ubuzima bw'abantu, ntitukirebere mu bworozi gusa tukirebere no mu buzima rusange bw'abantu."

Dr Ntamugabumwe Laurien ushinzwe amahugurwa n'ubushakashatsi mu Rugaga rw'Abaganga b'Amatungo, yavuze ko Atari byiza ko umworozi yivurira amatungo.

Ati: "Kuba umworozi ashobora kwikoreshereza imiti ku giti cye atayandikiwe na muganga w'amatungo bishobora gutera ingaruka zitandukanye. Kandi abahanga baba baragennye n'uburyo umuti ugomba gutangwamo n'ingano y'umuti utangwa.

Indwara nyinshi zishobora guhuza ibimenyetso ari ku matungo kimwe n'abantu ariko mu bycukuri icyateye gukorora ku matungo yombi gitandukanye. Inama igihe itungo rirwaye ni ukugana muganga w'amatungo."

Ahamya ko nta mpamvu yo kwivurira amatungo cyane ko abavuzi b'amatungo begerejwe aborozi, bibumbiye mu makampani kandi bafite n'imirongo itishyurwa muri buri Karere nta rwitwazo ku mworozi kuba yavuga ko yabuze serivisi.

Yavuze ko hubatswe laboratwari nkuru y'Igihugu y'ubuvuzi bw'amatungo i Kigali n'izindi 5 ziyunganira ziri mu Ntara n'izindi ntoya ziri ku rwego ruto zirenga 15 zubatswe na Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi (MNAGRI) binyuze mu mushinga PRISM ugamije guteza imbere n'Ubworozi bw'amatungo magufi.

Mu guhangana n'ubudahangarwa bw'udukoko ku miti, impuguke zigira inama aborozi zirimo kwita ku matungo bayagaburira neza, kunyiza amata ku makusanyirizo kugira ngo hapimwe ubuziranenge bwayo,gukingiza amatungo no kuyavuza neza igihe yarwaye kandi bakubahiriza amabwiriza bahabwa n'abaganga b'amatungo.

## Leta yikomye abakoresha amafaranga y'u Rwanda nk'imitako

UBWANDITSI

***Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR) yikomye abakoresha amafaranga y'inoti mu buryo budakwiye ubwo ari bwo bwose, ibaburira ko gukoresha amafaranga mu mitako no kuyafunga mu ndabo nk'impano bihanwa n'amategeko.***

Ni umuburo utanzwe mu gihe hagaragara abakoresha amafaranga mu mitako no kuyafunga mu ndabo zitangwa nk'impano bigatuma inoti zizingazingwa zigata umwimerere wazo.

Nk'urwego rufite mu nshingano gucunga ifaranga ry'u Rwanda, BNR yasabye

KOMEZA KU RUP.13







Ntibyemewe gukoresha amafaranga nk'umutako cyangwa kuyafunga mu ndabo nk'impano

## Leta yikomye abakoresha amafaranga y'u Rwanda nk'imitako

IBIKURIKIRA URUP.12

abantu kwirinda gukoresha inoti y'amafaranga y'u Rwanda mu bikorwa bijyanye no gukora imitako, imirimbo ndetse no mu birori cyangwa mu mihango itandukanye.

BNR ivuga ko inoti n'ibiceri bikozwe mu bikoresho biramba bikagira n'umutekano bibiha umutekano kugira ngo amafaranga atiganwa hagamijwe kurinda igihe azamara akoreshwa, kuzamura icyizere abaturage bafitiye ifaranga ry'u Rwanda no gushyigikira ukutajegajega k'ubukungu bw'u Rwanda.

Gusa BNR ivuga ko ikomeje guterwa inkeke n'imikoreshereze idahwitse y'amafaranga y'u Rwanda aho inoti n'ibiceri bikoreshwa mu gufunga indabo zitangwa nk'impano n'ibindi bikorwa bijyanye no gutaka, gutegura cyangwa kurimbisha.

Ibyo ngo bikorwa n'abateganya indabo, abacuruzi, abategura ibirori, abanyabugeni n'abandi bategura impano bikanashyigikirwa n'abakiliya babo.

Mu bikorwa nk'ibyo usanga inoti zihinahinwa zigapfundikanywa. zigaterwamo utwuma dufatanya impapuro, zigafatishwa ubujeni cyangwa ubundi bwoko bw'ibifatisho mu rwego rwo kugira ngo amafaranga atangwe nk'impano mu birori no mu mihango itandukanye.

Ibikorwa nk'ibyo bihungabanya icyizere ifaranga ry'u Rwanda rifitiwe cyane cyane inoti birayangiza bikayatera ubusembwa bukabije bityo hakabaho ingorane mu bikorwa bijyanye n'imicungire n'imitunganyirize y'amafaranga harimo ibyuma by'ikoranabuhanga byifashishwa rnu kubara amafaranga ndetse n'imashini koranabuhanga zibika zikanabikuzwaho amafaranga zizwi nka ATMs kandi ari bumwe mu buryo bw'ingenzi bwo gukwirakwiza amafaranga mu gihugu.

Uko kwangirika kw'inoti gutuma zikurwa ku isoko ndetse zigasimbuzwa imburagihe bityo bigatuma habaho ibihombo bitari ngombwa.

Banki Nkuru y'u Rwanda iributsa abantu bose muri rusange ko umuntu wese wangiza amafaranga aba akoze icyaha gihanwa hakurikijwe Itegeko No 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange.

# Ngoma: Niyotwagira wahereye ku nka imwe, ubu agemura litiro 100 ku munsi



Niyotwagira Jean Damascène, umuturage wo mu Karere ka Ngoma yagaragaje uko yatejwe imbere n'ubworozi

KAYITARE Jean Paul

***Niyotwagira Jean Damascène, umuturage wo mu Karere ka Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba, avuga ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi nta kintu yari afite iwe mu rugo. Mu rugendo rw'ubuzima bwe, ahamya ko yahereye ku nka imwe, ubu agemura Litiro 100 ku munsi.***

Ni ubuhamya yatangiye mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano ku nshuro ya 20, yayobowe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ibera muri Kigali Convention Center.

Niyotwagira usanzwe ahagarariye ihuriro ry'aborozi b'inka zitanga umukamo mu Karere ka Ngoma, ahamya ko umwuga we ari ubworozi kandi wamuteje imbere.

Ati: "Nkunda inka ku buryo ubu zamaze kugera mu magufwa no mu musokoro.

Nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi nta nka nari mfite nta n'ikintu na kimwe nari mfite ariko nahereye ku nka imwe noroye, inteza imbere, uyu munsi ngemura litiro z'amata zirenga 100 ku munsi."

Avuga ko kugeza ubu amaze koroza inka 24 aborozi bagenzi be, izo nka agashimangira ko zituruka iwe mu rwego rwo kugira ngo na bo bagire amata.

Mu marangamutima ye, avuga ko nta gihugu azi kigeze kigira Umukuru w'Igihugu ukunda abaturage bacyo, nkuko akunda abana be.


Akomeza agira ati: "Nta gihugu nzi umuturage yigeze aryama, yakanguka bakamuhamagara bati ngwino ujye kwakira inka Perezida yaguhaye binyuze muri gahunda ya Girinka."

Nubwo gahunda z'ubworozi zigenda neza, Niyotwagira avuga ko aborozi muri iyi minsi, bagorwa nuko gahunda yo guteza intanga itagenda neza biturutse ku kuba nta cyuma cyibika Azote ikoreshwa mu kubika intanga, gihari.

Uyu mworozi kandi agaragaza ko aborozi bifuza ko ku miti y'amatungo ndetse no ku byuma bisya ubwatsi bw'amatungo, hashyirwamo nkunganire kubera ko bihenze.

Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi, Dr. Ndabamenye Telesphore, avuga ko hagiye kugira igikorwa bityo icyuma kibika Azote kikagurwa kandi vuba.

# Nyagatare: Batewe ishema no guturira indake Perezida Kagame yabayemo




Abaturiye ahari indaki Perezida Kagame yabayemo ubwo yari ayoboye urugamba rwo kubohora Igihugu, bibatera ishema

**HITIMANA Servand**

***Abaturage b'ahitwa Gikoba mu Murenge wa Tabagwe ho mu Karere ka Nyagatare bavuga ko baterwa ishema no guturira ahari indaki Perezida Kagame yabayemo ubwo yari ayoboye urugamba rwo kubohora Igihugu.***

Aho ni ahitwa ku gasantimetero( ubutaka bwa kilometero 3 z'ubugari na kilometero 7 z'uburebure)bwari bufitwe n'ingabo zari iza RPA Inkotanyi kubera uburyo zitwaye zigatsinda urugamba aho haragutse bikagera mu gihugu cyose.

Bataringaya Amonj uturiye aho hari indaki avuga ko bimuteye ishema cyane kuko habumbatiye amateka akomeye y'Igihugu. Agira ati: "Duterwa ishema n'aya mateka. Ni iby'agaciro guturana n'icumbi ndetse n'ibyari ibiro by'uyoboye Igihugu uyu munsi.

Aha abantu bashobora kubona ari ahantu hasanzwe ari ku musozi, ariko bakwiye kuzirikana ko ariho hari Ibiro by'Umukuru w'Igihugu dufite uyu munsi. Ni intangiriro y'u Rwanda dufite uyu munsi ari yo mpamvu twe tuhafata nk'ah'agaciro cyane."

Mukanyirigira Dancille wari umurezi ubu akaba ari mu kiruhuko cy'izabukuru na we agira ati: "Aha ni ho havuye Igihugu dufite uyu munsi. Hari indake yari n'ubwikingiro bw'uwari uyoboye urugamba hakaba intebe abayobozi b'ingabo bicaragaho bategura urugamba n'ibindi.

Ni ahantu h'agaciro kuko nushaka kuhumva neza wumveko muri biriya bihe twahita nka komvesheni dufite uyu munsi cyangwa ku Biro by'Ingabo z'Igihugu."

Abo baturage banezezwa no kuba imibereho bafite uyu munsi yarabaye myiza ugereranyije n'ibihe by'urugamba.

Mukama Donatien ati: "Kiriya gihe ubuzima bwari bubi. Aha hari mu cyaro kibisi tutagira ibikorwa remezo kandi tukumva ko ubuzima ari ubwo.

Uyu munsi imibereho yabaye myiza cyane aho twegerejwe amashuri kandi meza. Izi ni imbuto n'ubundi zikomoka kuri aya mateka twavugaga y'urugamba rwabereye aha mu gihe cy'amezi 6 urusasu rudatuza."

Yakomeje avuga ko uretse kubakirwa amashuri, ubuyobozi bwanashyizeho gahunda nziza yo kuba umwana akora ikizamini akimurwa n'amanota ye hatabayeho ibyitwaga kwemererwa byazagamo akarengane.

Tito Mwemayire na we ati: "Mu nyungu twungukiye kuri aya mateka, harimo kuba uyu munsi dufite umuhanda wa Kaburimbo utworohereza mu ngendo. Dufite amashanyarazi aho muri kiriya gihe ntekereza ko no mu nzozi tutari kuyatekereza. Uretse n'inaha na Nyagatare ntayahabaga ngo wenda wari guterera ijisho ukabona ahari urumuri."

Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba Rubingisa Pudance, asaba abaturage guha agaciro aya mateka bakora ibyiza byubaka bakanashyigikira ibyagezweho.

Ibi akaba yarabigarutseho mu rugendo rwiswe urwo kwibohora abaturage n'ubuyobozi baheruka gukora, rwavaga mu mujyi wa Nyagatare rukagera i Gikoba.

Yagize ati: "Ibyiza byinshi byarakozwe, hari abitanze ngo u Rwanda rubeho none turarufite. Uyu munsi abaturage ba Gikoba by'umwihariko murasabwa kuzirikana aya mateka mukora ibiteza imbere Igihugu mukanashyigikira ibyagezweho."

Abaturage ba Gikoba bishimira ko ubu ahari aya mateka hitabwaho ndetse hakaba harashyizwe n'ikimenyetso kiranga aya mateka aho na bo bahasura bagasobanurirwa amwe ma makuru batari bafite.



Amaterasi y'indinganire muri Gishwati yazamuye umusaruro w'ibirayi

# Nyabihu-Gishwati: Amaterasi y'indinganire yazamuye umusaruro w'abahinzi

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu gace gakorerwamo ubuhinzi n'ubworozi ka Gishwati, mu Murenge wa Bigogwe, Akarere ka Nyabihu, bavuga ko amaterasi y'indinganire bakorewe yabafashije kongera umusaruro wabo ku buryo bugaragara, bava ku musaruro muke biteza imbere.***

Bamwe muri abo baturage bavuga ko mbere yo gukorerwa ayo materasi, ubutaka bwabo bwahoraga butwarwa n'isuri bitewe n'imisozi miremire igize ako gace, bigatuma umusaruro ugabanyuka cyane, nyuma yo gukora amaterasi y'indinganire, ibintu byarahindutse.

Umwe mu baturage wo muri aka gace Rwema Radjab, kandi avuga ko bajyaga babona amaterasi y'indinganire ahandi ariko batazi ko no mu gace k'iwabo azahagera, ariko ngo aho ahagereye babonye ibyiza byayo.

Yagize ati: "Mbere twahingaga ibirayi nko kuri hegitari imwe tukabona toni 6 gusa, ariko ubu kubera amaterasi y'indinganire n'imicungire myiza y'ubutaka, dusigaye tweza toni 28 z'ibirayi kuri hegitari. Ibi ni impinduka twishimira cyane."

Abaturage bakomeza bagaragaza ko ayo materasi yatumye isuri idakomeza kubatwara ubutaka n'ifumbire, kuko biguma mu murima bigafasha ibihingwa gukura neza, byatumye ubutaka buhora buhehereye kandi bugatanga umusaruro urambye.

Mukamurigo yagize ati: "Ku mpande z'amaterasi twahateye ubwatsi bwo kugaburira amatungo, cyane cyane inka. Twateye urubingo n'ubundi bwatsi, ubu inka zacu zibona ibyo zirya hafi, umukamo uriyongera. Ubuhinzi n'ubworozi biruzuzanya neza."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyabihu, Mukandayisenga Antoinette, avuga ko amaterasi y'indinganire yagize uruhare runini mu iterambere ry'abaturage ba Gishwati.

Yagize ati: "Iki gice kigizwe n'imisozi miremire cyane ku buryo ubutaka bwahoraga bugenda butwarwa n'isuri, gushyiramo amaterasi y'indinganire byatumye habaho impinduka ifatika, abaturage batangira kubona umusaruro mwiza, bikaba intandaro y'iterambere rishingiye ku buhinzi."

Asaba abaturage gukomeza kubungabunga ayo materasi, bayafata neza kandi bakayitaho, birinda kuyasenya cyangwa kuyakoresha nabi, kugira ngo akomeze kubafasha kongera umusaruro no kwiteza imbere.

Abibutsa ko amaterasi ari igikorwa remezo cy'ingenzi mu buhinzi kirambye, bityo ko kuyabungabunga ari inshingano ya buri muturage.

Abaturage ba Gishwati bavuga ko biteguye gukomeza gufata neza ayo materasi, kuko babonye inyungu zayo mu mibereho yabo ya buri munsi no mu iterambere ry'imiryango yabo.





# Musanze: Kimonyi ababyeyi barasaba kwegerezwa amashuri y'inshuke



Ababyeyi bibasaba kuva mu mirima kare bagiye gukura abana ku mashuri y'inshuke

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Mu Murenge wa Kimonyi, cyane cyane mu Kagari ka Birira, abaturage bagaragaza ikibazo cyo kutagira amashuri y'inshuke hafi y'aho batuye.***

Kutagira aho abana bato biga bituma bakora ingendo ndende, rimwe na rimwe bakayoba inzira zijya iwabo, naho ababyeyi babo bakaba bagorwa n'izo ngendo babajyana ku ishuri.

Ababyeyi bo muri aka gace bavuga ko buri munsi bagomba kujya kure, mu bigo bya Buramira cyangwa Kitabura, kugira ngo abana babo babone aho biga.

Uwimana Claudine, umubyeyi w'umwana w'imyaka 4, yagize ati: "Buri munsi mva mu rugo njyanye umwana ku ishuri ry'inshuke, kandi naryo riri kure y'iwacu, nkora ingendo ndende mu gitondo na nimugoroba, ibi bituma duta umwanya ndifuza ko batwubakira ishuri ry'inshuke hano hafi y'iwacu."

Habimana Jean, na we yongeraho ko n'ubwo mu Kagari ka Birira hari amarerero menshi, kubona ishuri ry'inshuke bikiri ikibazo gikomeye.

Yagize ati: "Hari amarerero menshi, ariko nta shuri ry'inshuke riri hafi yacu. Twifuza ko ubuyobozi cyangwa abikorera baza kubaka ishuri ry'inshuke hafi y'iwacu, kugira ngo abana bato batagorwa n'ingendo ndende".

Akomeza agira ati: "Byadufasha nkatwe nk'ababyeyi kubona umwanya wacu w'akazi no kwita ku mirimo y'urugo, tutagowe cyane, kuko hari bamwe bava mu marero babura amashuri y'inshuke bakicara mu rugo bagategereza ko bagira imyaka 7 kugira ngo azajye yikura mu rugo kandi yigarure."

Abaturage bo muri aka gace basobanura ko ikibazo cyo kutagira ishuri ry'inshuke kigaragaza urwego rwo hasi rw'uburezi bw'abana bato, ndetse bigira ingaruka ku miryango yabo yose.

Gukoresha amasaha menshi mu ngendo bishobora gutuma abana batagira umwanya uhagije wo kwidagadura no gukina, nyamara ari ibintu bifite akamaro kanini mu mikurire yabo.

Umuyobozi w'Akarere ka Musanze Wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu, Clarisse Uwanyirigira, yemeza ko ikibazo cyo kutagira ishuri ry'inshuke muri ako gace kizwi kandi barimo kugishakira umuti.

Yagize ati: "Ni byo koko, hakenewe ishuri ry'inshuke kuko ababyeyi bakora ingendo ndende baherekeza abana babo ku mashuri ari kure. Ubu rero hari umufatanyabikorwa twamaze kuvugana na we kugira ngo hubakwe ishuri ry'inshuke, kandi mu minsi iri imbere, abana bazaba bafite ishuri hafi yabo. Ibi bizorohereza cyane ababyeyi n'abana, kandi bizateza imbere imibereho y'abaturage bo muri Birira."

Abaturage bemeza ko kubaka ishuri ry'inshuke hafi bitazafasha gusa abana bato kwiga neza, ahubwo bizorohereza n'ababyeyi babo, bikabafasha gukorera mu mudendezo, bakabona umwanya wo kwita ku mirimo yabo y'ingenzi.



Birira bafite amarerero ariko nta shuri ry'inshuke bafite

# Rubavu: Abayobozi 3 bandikiye rimwe basezera ku kazi

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Abakozi batatu b'Akarere ka Rubavu barimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari n'Umukozi w'Urwego rushinzwe kunganira Akarere mu mutekano (DASSO) mu Murenge wa Bugeshi, banditse basezera ku mirimo.***




Nyiransengiyumva Monique wari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyundo ni umwe mu basezeye ku mirimo

Abasezeye ni Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyundo Nyiransengiyumva Monique, uw'Akagari ka Terimbere Mujawase Annualite n'Umuhuzabikorwa rwa DASSO mu Murenge wa Bugeshi Dushimire Donatien.

Umuyobozi w'Akarere ka Rubavu Mulindwa Prospère, yabwiye Imvaho Nshya ko ayo mabaruwa yayakiriye.

Ati: "Ayo makuru ni yo. Bose uko ari batatu banditse bavuga ko basezeye ku mpamvu zabo bwite."

Yakomeje agira ati: "Icyakora Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari ka Terimbere Mujawase Annualite we yanasezeye hashingiwe kuri raporo z'ubugenzuzi zigaragaza amakosa ye mu kubahiriza ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyombonera cy'imikoreshereze y'ubutaka mu ifasi yayoboraga."

Yakomeje avuga ko kuba barasezereye rimwe ari batatu bitavuze ko hari byacitse iri mu Karere ayoboye, kandi ngo nta n'icyuho kiri bugaragare mu mitangire ya serivisi bari bashinzwe.

Yongeyeho ati: "Gusezera ni ngombwa iyo umuyobozi yisuzumye agasanga hari ibyo adakora neza kandi bikenewe mu kwihutisha iterambere."

Yahaye ubutumwa abandi bayobozi agira ati: "Abayobozi basigaye bazirikane ko icyo dusabwa ari ugushyira umuturage ku isonga, gukurikiza amategeko no kubazwa inshingano."

# Baruhuwe n'ikiraro bubakiwe gihuza Rwempasha na Nyagatare

HITIMANA Servand

***Abaturage bo mu Murenge wa Rwempasha na Nyagatare barashima ubuyobozi bwabubakiye ikiraro cyo mu kirere cyambukiranya umugezi w'Umuvumba cyaborohereje ingendo kuko batakizenguruka ku muntu uva mu Murenge ajya mu wundi.***



**Ikiraro cyubatswe hejuru y'umugezi w'Umuvumba cyaruhuye abaturage ingendo ndende**

Abaturage bakoresha icyambu cya Kabare cyubatsweho ikiraro cyo mu kirere gihuza Imirenge ya Nyagatare na Rwempasha bavuga ko iki kiraro cyaborohereje ingendo.

Aba baturage bavuga ko mbere hari abacaga mu mazi ariko bazi ko bishobora kubateza ibibazo byo kugwamo gusa bagatinya kujya kuzenguruka mu mujyi wa Nyagatare kugira ngo bave cyangwa bajye muri umwe muri iyi Mirenge itandukanywa n'umugezi w'Umuvumba.

Ibi babigarutseho ubwo muri iki cyumweru bamwe mu Badepite mu Nteko Ishinga Amategeko basuraga bimwe mu bikorwa remezo byegerejwe abaturage mu Karere ka Nyagatare.

Mukiza Celestin agira ati: "Iki kiraro cyaraturuhuye cyane, usanga mu buzima bwa buri munsi hari ibikorwa dukenera gukorera muri iyi Mirenge yombi ituranye ariko tukaba twarabangamirwaga no kutagira inzira.

Reba nawe kuba uri hakuno y'Umuvumba ushaka kujya guhinga hano hakurya uhareba imbere yawe ariko umugezi w'Umuvumba waba wuzuye bikagusaba kujya guca i Nyagatare. Hari imirimo yacu yangirikaga dutegereje ko wenda amazi yagabanyuka tugacamo."

Akomeza agira ati: "Uyu munsi rero ubu twabonye igisubizo kuko igihe cyose ushaka kwambuka urambuka kuva batwubakira iki kiraro gica mu kirere. Turashimira cyane ubuyobozi bwabonye ko dufite ikibazo bukagishakira igisubizo."

Mukamana Odette na we yagize ati: "Twavuze imvune twagiraga zo kuzenguruka ariko hari n'igikomeye cyo kuba hari abibwiraga ko amazi ari make bagacamo rimwe na rimwe bakahaburira ubuzima barohamye. Turashima ko twabonye inzira, ubu ndi guhinga hano mu kanya ndambuka ntahe nta kibazo. Ni mu gihe mbere wahinguraga kare kugira ngo ugire igihe cyo gukora urugendo rwadusabaga kuzenguruka."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu Gonzague Matsiko, yasobanuye ko ahubatswe iki kiraro abaturage bari bafite ikibazo cyo kugenderanirana ndetse bikanadindiza ubuhahirane.

Ati: "Aha kimwe n'ahandi uyu mugezi uca mu yindi Mirenge wasangaga bigora abaturage guhahirana no kugendererana. Twagiye tureba ahari ikibazo gikomeye dufatanya n'abafatanyabikorwa bacu twubaka iki kiraro kugira ngo abaturage bacu babone uko bahanyura bitabagoye.

Uyu munsi abakoresha iyi nzira birabatebukira cyane kuko yabaye iya bugufi."

Uretse iki kiraro cyubatswe aho Rwempasha, kuri uyu mugezi w'Umuvumba hubatswe ibindi birimo igihuza Umurenge wa Rukomo na Karama ndetse n'igihuza Umurenge wa Nyagatare na Rukomo.

HABIMANA Eric

# Kamonyi: Bakeneye ko Akagari ka Kidahwe kubakwa bakaruhuka ingendo ndende

***Abatuye mu Murenge wa Nyamiyaga,mu Kagari ka Kidahwe basaba ko ako Kagari kubakwa kuko agasanzwe basabiraho serivisi katajyanye n´igihe ndetse kakaba kari kure y'abaturage, bagakora ingendo ndende.***

Bavuga ko aho Akagari gakorera ari hato cyane kandi hasatiriye umuhanda cyane ku buryo n'abaje kuhashaka serivisi batabona aho bicara.

Nsanzabera Yonasi utuye mu Mudugudu wa Magu, mu Kagari ka Kidahwe, avuga ko aho basanzwe bafite Ibiro ari inzu nto, ku buryo badahabwa serivi neza, kandi kakaba kure.

Ati: "Rwose ukarebye ni Akagari gato, kegereye umuhanda kuko nta na metero 2 zirimo hagati yako n'umuhanda, nta hantu bagira bakirira abaturage, usibye natwe abaturage n'abakozi bagakoramo baba bakabyiganiramo, nibadufashe wenda barebe aho batwubakira akandi, hari n'abaturage bigora kuhagera kuko ntikari hafi, rwose ntikajyanye n'igihe."

Nishimwe Assoumpta we utuye mu Mudugudu wa Kiranzi, mu Kagari ka Kidahwe, avuga ko bagorwa no kujya ku Biro by´Akagari kabo, kuko gasa naho kari ibutamoso kandi ari gato ku buryo bibatera ipfunwe, bikaba imbogamizi ku bagakoreramo n'abakagana.

Ati: "Tubonye akandi Kagari byadufasha kuko hariya ni hatoya, ni mu muhanda nk´imodoka ziva mu micanga ishobora guta umuhanda ikabasangamo, ntimwahagera muri benshi ngo mubone aho mwicara.

Hari abaturuka kure ku buryo no kuhagera biba bigoranye. Tubonye Akagari kajyanye n'igihe byadufasha kuko hari ubwo uhajya wabona ukuntu abantu babuze naho bahagarara unisaziye ukongera ugataha."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kamonyi buvuga ko buri muri gahunda yo kubaka Akagari ka Kidahwe kuko katorohereza abakagana baje gusaba serivisi.

Umuyobozi w'Akarere ka Kamonyi, Dr Nahayo Sylvere, mu kiganiro na Imvaho Nshya yavuze ko bimwe mu bibaraje ishinga muri uyu mwaka w'ingengo y'Imari wa 2025-2026 harimo no gukemurira ibyo bibazo.

Ati: "By'umwihariko, Akagari ka Kidahwe si ukugasana ahubwo ni ukukubaka, naho kari kubatse si ho tuzakubaka, si Akagari koroherezaga umuturage ukeneye serivisi, mbere na mbere tunareba ku mitangire ya serivisi, aho itangirwa n'uburyo itangwamo n´ingengo y´imari twamaze kuyibona tukaba duteganya ko mu gihe kitarenze amezi atatu kazaba karangiye."

Akomeza avuga ko atari ako Kagari gusa bafite muri gahunda kuko mu bivugururwa hanateganywamo Ibiro by´Akarere ka Kamonyi.

Akagari ka Kidahwe biteganyijwe ko kazuzura bitarenze muri Mata 2026, aho ngo bateganya ko kazatwara ingengo y´imari ingana na miliyoni 58.



**Akarere ka Kamonyi gateganya kubaka Akagari ka Kidahwe no kuvugurura inyubako y'Akarere**





# Gucanira umuhanda Nyagatare- Gasinga-Kagitumba byongereye umutekano



**Barashima ko uyu muhanda uhuza Nyagatare na Kagitumba wacaniwe**

HITIMANA Servand

***Abaturiye umuhanda Nyagatare-Gasinga-Kagitumba barishimira ko uyu muhanda wa kilometero 38 uri gushyirwaho amatara aho bifasha abawukoresha mu masaha y'ijoro kugenda batikanga abakwitwaza umwijima bakabagirira nabi.***

Ni umuhanda uheruka gushyirwamo kaburimbo aho ubu watangiye gukoreshwa cyane ndetse wagezemo n'imodoka zitwara abagenzi.

Rwikiriza Laurent agira ati: "Turashima ko uyu muhanda wacaniwe.Ubundi hari mu kizima kandi ni umuhanda ugenda ku nkengero z'umugezi w'Umuvumba aho ntawizeraga umutekano mu gihe cya nijoro. Urumva hakunze kubaho amayira y'abambukana za magendu abo rero mukubitanye mu ijoro hatabona bakugirira nabi. Gusa ubu urabona ko hacyeye cyane ndetse n'abagenzi bari kuwukoresha na nijoro"

Mutezinka Anne Marie Imvaho Nshya yamusanze i Kagitumba ateze imodoka.

Nawe yagize ati: "Turashima ibikorwa Leta ikomeje kutugezaho. Yatwubakiye uyu muhanda ubundi utaragendwaga kubera ko wari mubi, none baranawucaniye. Ubu hagiyemo imodoka zitwara abagenzi.

Nta kibazo cy'umutekano muke dufite kuko bawucaniye. Ubundi wirindaga kugenda bwije kuko washoboraga kuva mu modoka ukagira ikibazo cyo kuva ku muhanda ugera mu rugo kubera umwijima."

Kanyoni Aminadab utuye kuri uyu muhanda avuga ko bagishyiraho amatara babonye byahindutse bageze ahantu heza.

Ati: "Iri ni iterambere pe! Umunsi wa mbere twiriwe tubona ari nk'ibisanzwe bigeze ku mugoroba tubona amatara aratse, twabonye tugeze muyindi si.

Inzu yacu yahise agira agaciro aho abifuza kuyakoreramo batangiye kuza kuyabaza, ariko n'urujya n'uruza ruriyongera ku mugoroba mu gihe wasangaga mu masaha ya sa moya abantu baryamye."

Ubuyobozi bw'Akarere buvuga ko ibikorwa nk'ibi by'iterambere byegerezwa abaturage kugira ngo bibafashe mu guhindura imibereho no kwiteza imbere.

Matsiko Gonzague, Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu yagize ati: "Abaturage iyo bahawe umuhanda, bagahabwa amashanyarazi, umuhanda ugacanirwa biba bigamije kubafasha kuva mu mibereho mibi bajya mu buzima bwiza.

Iyo Leta ikoze ibi byose rero, dusigara dusaba abaturage kubyaza umusaruro amahirwe nk'aya, bakongera umwanya wo gukora bakarushaho kwiteza imbere."

Akomeza agira ati: "Uyu muhanda ni ingenzi ku buryo ubwo ushyizweho ibikenewe kugira ngo ukoreshwe neza, uzafasha mu koroshya ingendo cyane ku bantu bavaga Kagitumba baza i Nyagatare, ariko n'abajya i Kigali iyi ni yo nzira ya hafi kuko bakomeza muri uyu muhanda Nyagatare-Gicumbi Leta yatwubakiye."

Mugabo Gustave, umukozi muri RTDA ushinzwe gukurikirana imirimo yo gucanira uwo muhanda yabwiye Imvaho Nshya ko imirimo yo kuwucanira izatwara ingengo y'imari ingana n'amafaranga y'u Rwanda 1 895 366 605.

BAHUWIYONGERA Sylvestre

# Rubavu: Yabyutse asanga bamutemeye insina hakekwa uwo mu muryango we

***Bugenimana Emmanuel w'imyaka 65 wo mu Mudugudu wa Buvano, Akagari ka Busoro, Umurenge wa Nyamyumba, Akarere ka Rubavu, yabyutse asanga biraye mu murima we w'urutoki batemamo insina bikaba bibaye inshuro ya 2 mu mezi 8 gusa.***

Abo bagizi ba nabi kandi bamwangirije imyaka mu murima hakekwa uwo mu muryango we basanzwe bafitanye ibibazo by'imanza z'amasambu.

Uwo musaza, avugana na Imvaho Nshya yavuze ko ubusanzwe kuva na kera ayobora icyahoze ari selile ntawe yigeze ahutaza ngo avuge ko ari we waba amwihimuraho, akeka ko byaba bikorwa n'uwo mu muryango we bafitanye ibibazo by'amasambu.

Ati: "Ni inshuro ya 2 nsanga bandanduriye imyaka mu murima. Mu mezi 8 ashize nasanze bandandaguriye inyanya, mbijyana mu buyobozi habura ufatwa."

Yongeyeho ati: "Narabyihoreye ariko ubwo nongeye kubyuka ngasanga biraye mu rutoki rwanjye batemamo insina 4 zirimo 2 zariho ibitoki. Ubuyobozi bwadukoresheje inama n'abaturage bose ngo hashakishwe ubikora, abakekwaga bari banari mu nama baranyonyomba, barabura."

Yakomeje ati: '' Mfite impungenge zikomeye z'umutekano wanjye n'uw' umuryango wanjye ko unkorera ibi, yazagera ubwo agira uwo ahitana cyangwa akomeretsa, nkaba nishinganisha ku buyobozi bw'uyu Murenge n'inzego z'umutekano ziwukoreramo."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Nyamyumba, Ufitabe Jean d'Amour yavuze ko bikimara kumenyekana, ari inshuro ya 2, bihutiye gukoresha abaturage inama y'umutekano ngo baganire kuri iki kibazo asanga kiremereye.

Ati: ''Igihe twari mu nama dushaka igisubizo umugabo witwa Ndayambaje Elias, umugore we akaba uyu musaza amubereye se wabo, bari mu manza z'amasambu, abaturage bari batangiye gushyira mu majwi aba aranyonyombye aragiye."

Yakomeje agira ati: "Ubwo hari n'umusore witwa Bizimana Saidi, abaturage bari batangiye gushinja ko yaba ahabwa amafaranga n'uriya mugabo ngo yangirize uyu musaza imyaka mu murima, na we tuba turamubuze, bombi baracyashakishwa n'inzego z'umutekano mu rwego rw'iperereza."

Yasabye abaturage kwirinda amakimbirane yo mu miryango, yo nyirabayazana w'ibyaha nk'ibyo, banibutswa ko aba bahise bacika iperereza niribagaragaza bazabihanirwa bikomeye n'amategeko, kuko kurandura imyaka mu murima w'undi, icyo mwaba mupfa cyose, ari ubugome.

Yamaze impungenge uyu musaza amubwira ko umutekano we urinzwe kimwe n'uw'abandi Banyarwanda bose, ko n'irondo rigiye gukazwa mu rwego rwo guhashya ibikorwa bigayitse nk'ibi.



**Bugenimana Emmanuel bwaracyeye asanga bamutemeye insina**

# Bruce Melodie yasabye ko umuziki wakongerwa mu bukerarugendo bw'u Rwanda




Bruce Melodie yavuze ko umuziki ushyizwe mu bukerarugendo warushaho kwinjiza amadovize

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi uri mu bafite izina rikomeye mu Rwanda Bruce Melodie yagaragaje ko umuziki n'abahanzi ubwabo bameze nk'ingagi kuko na bo binjiza amadovize binyuze mu bihangano byabo abishingiraho asaba ko umuziki wakongerwa mu bukerarugendo buteza imbere u Rwanda.***

Bruce Melodie avuga ko abakora umuziki bashimira urwego umuziki ugezeho mu Rwanda agereranyije n'aho umaze kugera cyane ko ari uruganda rwatangiye gukora rutinze ugereranyije n'icuraburindi Igihugu cyari kivuyemo rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yabigarutseho kuri uyu wa Gatanu tariki 06 Gashyantare 2026, ubwo yari mu kiganiro cyatambutse mu Nama y'Igihugu y'Umushyikirano wateranye ku nshuro ya 20.

Yagize ati: "Umuziki ni umurimo uhanga indi mirimo, abantu bagenda babisobanukirwa abafana bariyongera nshimira n'abahanzi babitangiye kuko umuziki waragiye urakura kugeza ubu hari uruhare rw'ubuhanzi ku musaruro mbumbe w'Igihugu rusaga 5%.

Ariko ntitunyuzwe kubera ko inzira iracyari ndende, ntabwo turagera aho twifuza kugera, turifuza gutanga 20, 30 % cyangwa se tukanarenzaho."

Bruce Melodie yakomeje agaragaza ukuntu umuziki uramutse witaweho byatanga umusaruro urenze ku wo watangaga kubera umuziki utagira umupaka kandi umuntu wese awumva atitaye ku rurimi umuhanzi yaririmbyemo akabona ushyizwe mu bukerarugendo byatanga umusaruro ku mpande zombi.

Ati: "Buriya twebwe ni twe 'Ngagi' buriya umuziki winjiza mu madovize, umuziki wambuka umupaka nta viza, upfa kuba ufite murandasi wambona, iyo nasohoye indirimbo urambona kandi n'ibitaramo dutumirwamo hanze y'Igihugu twishyurwa mu madovize. Ni ukuvuga ngo ni uruganda ntekereza ko rwitaweho rukanongerwa mu bukerarugendo, ubuhanzi bwakurura abantu benshi, icyo turagisaba kandi turabasezeranya ko tuzabikora neza abitabiriye bakajya banyurwa."

Bruce Melodie yanatanze ingero z'indirimbo ze zirimo Fou de Toi yakoreye hamwe mu hantu nyaburanga i Karongi bigatuma harushaho kumenyekana, Pom Pom yafatiye amashusho yayo muri ihuriro ry'imihanda ya Sonatube n'izindi avuga ko abikora agamije kwerekana ubwiza nyaburanga bw'Igihugu cyamubyaye.

Uwo muhanzi yitabiriye Umushyikirano ubaye ku nshuro ya 20, nyuma y'uko asoje uruzinduko rwo kumenyekanisha indirimbo Pom Pom yakoranye n'abarimo Diamond Platinumz muri Tanzania akanahura na Ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu Amb. Gen. Patrick Nyamvumba amusangiza imwe mu mishinga ateganya gukora igamije guhuza imico n'imyidagaduro by'Abanyarwanda n'Abanyatanzaniya.



Minisitiri Dr Utumatwishima Jean Abdallah yibukije urubyiruko kudahangana n'ababahanura

# Minisitiri Dr Utumatwishima yakebuye urubyiruko ruhangana n'abakuru barugira inama

**MUTETERAZINA Shifah**

***Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'ubuhanzi Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah yakebuye anibutsa urubyiruko kwirinda guterana amagambo n'umuntu ubaruta, igihe abagiriye inama kuko ari imyitwarire iranga umwana utararezwe.***

Abigarutseho nyuma y'aho bamwe mu rubyiruko bakiriye nabi ubutumwa bwa Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene avuga ko hari amagambo abakiri bato bakunze gukoresha ariko akwiye guhagarikwa kuko afitanye isano n'amateka ashariiye igihugu cyanyuzemo.

Uwo muyobozi yatanze urugero rw'ijambo 'Gutwika' kuri ubu rikoreshwa n'urubyiruko bashaka kugaragaza ko bakoze ibintu bikamenyekana cyangwa se bishimishije mu buryo buhambaye.

Minisitiri Dr Bizimana yagaragaje ko iryo jambo bakwiye kurireka kuko rifite isura mbi mu mateka y'u Rwanda, aho ryibutsa uburyo Abatutsi batwikirwaga mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi na mbere yaho.

Hagati aho ariko ku mbuga nkoranyambaga, umwe mu rubyiruko yamubajije niba umuhanzi usanzwe akoresha Rutwitsi mu mazina ry'urubyiniriro yarireka.

Dr Bizimana atazuyaje yamusubije ko agomba kurireka, ibyakiriwe nabi ndetse bamwe bakanandika ahatangirwa ibitekerezo ko uwo muyobozi yabivugishijwe n'uko ari mu myaka y'izabukuru.

Yifashishije urubuga rwa X, Minisitiri Dr. Utumatwishima yatanze ubutumwa asaba urubyiruko kudaterana amagambo n'abantu bakuru babaha impanuro.

Yanditse ati: "Ku kibazo cy'amagambo mahimbano y'imizimizo akoreshwa n'urungano "Slangs" zikoreshwa n'abari mu myaka mito bavuze hagati ya 1997-2012 (Gen-z), Gen- A (bavutse mu 2010-2025), mu ndimi zose zibamo […] no mu Kinyarwanda zirimo, gusa abana barezwe neza ntibacyocyorana n'umukuru iyo atanze inama, twumvire."

Urubyiruko ruhora rusabwa kwitwara neza ndetse no gukoresha imbuga nkoranyambaga neza ndetse umuco nyarwanda ukabishimangira neza hashingiwe kuri za kirazira zitandukanye zigena uko umuntu akwiye kubaho.





# APR FC yatakaje amanota mbere yo guhura na Al Hilal SC



APR FC yanganyije na Bugesera FC ibitego 2-2

**SHEMA Ivan**

***APR FC yanganyije na Bugesera FC ibitego 2-2 mu mukino w'umunsi wa 19 wa Shampiyona y'u Rwanda wabereye kuri Stade y'Akarere ka Bugesera, ku wa Gatandatu, tariki ya 7 Gashyantare 2026.***



Rutahizamu Umar Abba yishimira igitego cyo kwishyura yatsindiye Bugesera FC

Uyu mukino wagombaga gutangira saa cyenda wakerereweho iminota 30 Kubera imbogamizi z'urugendo ikipe ya Bugesera FC yahuye na zo iri mu nzira ijya kuri Stade.

APR FC ni yo yatangiye neza umukino kuko ku munota wa 4 gusa yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Mamadou Sy ku mupira mwiza yahawe na Djibril Ouattara awushyira mu izamu.

Nyuma yo gutsindwa igitego hakiri kare, Bugesera FC yinjiye mu mukino itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura binyuze mu bakinnyi barimo Isingizwe Rodrigue wahinduraga impira nyinshi imbere y'izamu.

Iyi kipe yakomeje gukina neza isatira harimo ishoti rikomeye ryatewe na Rugangazi Prosper, umupira ukurwamo neza n'umunyezamu Ishimwe Pierre akoresheje ibipfunsi.

Ku munota wa 21, Bugesera FC yabonye igitego cyo kwishyura cyinjijwe na rutahizamu Umar Abba ku ishoti rikomeye yateye ari hanze y'urubuga rw'amahina, umupira uruhukira mu rushundura.

Mu minota 25, yihariwe na APR FC yasatiraga cyane ishaka igitego cya kabiri.

Ku munota wa 42, APR FC yabonye igitego cya kabiri ku mupira uteretse watewe na Ruboneka Jean Bosco, awushyira ku mutwe wa Djibril Ouattara awutereka mu izamu.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC yatsinze Bugesera FC ibitego 2-1.

Bugesera FC yagarukanye imbaraga nyinshi mu igice cya kabiri, bidatinze ku munota wa 48, yabonye igitego cya kabiri cyo kwishyura cyatsinzwe na Byishimo Valua ku ishoti rikomeye yateye ari inyuma y'urubuga rw'amahina, ishimwe Pierre ananirwa gukuraho umupira uruhukira mu izamu.

Mu minota 60, APR FC yihariye umupira hagati mu kibuga isatira cyane ishaka igitego cya gatatu harimo umupira Djibril Ouattara yateye ukubita umutambiko w'izamu uvamo.

Mu minota 70, APR FC yakomeje gusatira izamu rya Bugesera FC ishaka igitego cya gatatu ariko ikagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe yabonaga.

Nta kindi gitego cyabonetse kugeza umukino urangiye amakipe yombi anganyije ibitego 2-2.

APR FC yakomeje kuyobora urutonde rw'agateganyo rwa Shampiyona n'amanota 37, irusha Al Hilal SC ya Kabiri amanota atatu (ifite imikino itatu y'ibirarane).

Ni mu gihe Bugesera FC yagize amanota 21 ku mwanya wa 12.

APR FC izagaruka mu kibuga ku wa Kabiri, tariki ya 10 Gashyantare 2026, yakirwa na Al Hilal SC mu mukino w'ikirarane w'umunsi wa 15 wa Shampiyona uzabera kuri Stade Amahoro guhera saa kumi n'ebyiri z'umugoroba.

Indi mikino yabaye kuri uyu wa Gatandatu, Etincelles yatsinze Musanze FC igitego 1-0 yongera kubona intsinzi nyuma y'imikino irindwi idatsinda naho Kiyovu Sports yatsinze Mukura VS ibitego 3-1.



Ombolenga Fitina agerageza guhindura umupira imbere y'izamu rya Bugesera FC

Imvaho Nshya
Siporo



NO .E-50 TARIKI 3 - 9 GASHYANTARE 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Byukusenge Patrick yegukanye isiganwa ritegura "Tour du Rwanda 2026"



Abakinnyi 54 ni bo bitabiriye iri siganwa

SHEMA Ivan

***Patrick Byukusenge wa Team Rwanda yegukanye isiganwa ku magare ryihariye ryiswe 'Amahoro Criterium' ryari rigamije kureba urwego rw'abakinnyi bazahagararira u Rwanda muri Tour du Rwanda 2026, ibura ibyumweru bibiri gusa ngo itangire.***

Iri siganwa ryakinwe ku nshuro ya kabiri ryabereye i Remera ku Cyumweru, tariki ya 8 Gashyantare 2026.

Hagati y'itariki ya 22 Gashyantare n'iya 21 Werurwe 2026 ni bwo mu Turere dutandukanye two mu Rwanda hateganyijwe isiganwa mpuzamahanga ry'amagare rikaba rigiye gukinwa ku nshuro ya 18.

Mu rwego rwo kwitegura neza iri siganwa amakipe ane azahagararira u Rwanda ari yo Team Rwanda, Benediction Club, Team Amani na May Stars bahuriye mu Isiganwa ryiswe" Amahoro Criterium' ryari rigamije kureba urwego abakinnyi bagezeho.

Abakinnyi 54 bitabiriye, bahagurukiye ku marembo ya Stade Amahoro, banyura kuri Contrôle Technique, kwa Rwahama na Airtel mbere yo gusubira ku marembo ya Stade Amahoro ahazwi nko mu Migina.

Iyi ntera yo kuzenguruka yareshyaga na kilometero 3,9 bayinyuzemo inshuro 12.

Byukusenge Patrick wa Team Rwanda ni we wahize abandi akoresheje isaha imwe, umunota umwe n'amasegonda 15 arusha amasegonda ane mugenzi we wa Team Rwanda Tuyizere Etienne na Ngendahayo Jeremie wa May Stars Cycling Team basoreje ku mwanya wa kabiri n'uwa gatatu.

Byukusenge yavuze ko yishimiye gutsinda iri siganwa, ndetse ryaberetse ko imyiteguro bari gukora bitegura Tour du Rwanda iri kugenda neza.

Ati: "Ni isiganwa ryagenze neza, kubera ko tumaze iminsi twitegura, tumaze igihe kirenga ukwezi mu mwiherero. Kuba nsinze iri siganwa ntabwo ari ibintu bintunguye kuko twariteguye bihagije.

Yongeyeho ati: "Icyizere naha Abanyarwanda ni ukwitwara neza kurusha umwaka ushize. Abagiye muri Tour of Sharjah mwabonye ko bitwaye neza, urumva ko tumeze neza."

Biteganyijwe ko agace kabanza ka Tour du Rwanda ya 2026, kazahagurukira mu i Rukomo mu Karere ka Gicumbi bereke za i Rwamagana ku ntera ya kilometero 174.



Byusekenge Patrick yegukanye isiganwa ryiswe Amahoro Criterium' ryari rigamije gukomeza kubategura gukina neza Tour du Rwanda 2026




Byukusenge Patrick (hagati), Tuyizere Etienne (ibumoso) na Ngendahayo Jérémie ni bo bahize abandi